Igaragaza Ry'

Ibihe Birindwi By'Itorero

Igice Cya Cyenda

Igisekuru Cy'Itorero Ry' I Lawodikiya

Ibyahishuwe 3:14-22 :

"Wandikire Marayika w'Itorero ry'i Lawodikiya uti: "Uwiyita Amina, umugabo wo guhamya kandi ukiranuka w'ukuri, inkomoko y'ibyo Imana yaremye aravuga aya magambo ati:

'Nzi imirimo yawe, yuko udakonje kandi ntubire. Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize!

Nuko rero kuko uri akazuyazi, udakonje ntubire, ngiye kukuruka.

Kuko uvuga uti: "Ndi umukire, ndatunze kandi ndatunganiwe nta cyo nkennye," utazi yuko uri umutindi wo kubabarirwa, kandi uri umukene n'impumyi ndetse wambaye ubusa.

Dore ndakugira inama: ngo ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda ubone uko uba umutunzi, kandi ungureho n'imyenda yera kugira ngo wambare isoni z'ubwambure bwawe zitagaragara, kandi ungureho n'umuti wo gusiga ku maso yawe kugira ngo uhumuke.

Abo nkunda bose ndabacyaha nkabahana ibihano. Nuko rero gira umwete wihane.

Dore mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryange agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire.

« Unesha nzamuha kwicarana nange ku ntebe yange y'Ubwami nk'uko nange nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye. »

« Ufite ugutwi niyumve ibyo Umwuka abwira amatorero. »

UMUGI WA LAWODOKIYA

Izina Lawodikiya, risobanura: "Uburenganzira bwa rubanda", ryari izina rikoreshwa cyane, imigi myinshi yararyitwaga, ku bwo guha icyubahiro abagore bakomoka i bwami ku bw'ibyo ikitwa ityo. Uwo mugi wari umwe mu yikomeye cyana kurusha iyindi, mu bya politiki, kandi, mu by'ubutunzi bw'amafaranga, na none wari umwe mu yari ikize kurusha iyindi migi yo muri Aziya Ntoya. Uwo mugi uhabwa ibintu byinshi n'abaturage bakomeye. Wari ikicaro k'ishuri rikomeye ry'ubuvuzi. Abawutuye bari abahanga kurusha abandi mu by'ubugeni n'ubukorikori n'ubumenyi mu bya siyansi. Kenshi bawitaga: "Umugi w'ihuro rya bose", kuko wari umugi wari ukuriye iyindi migi makumyabiri n'itanu. Imana ya gipagani basengega yitwaga Zeus. Mu bigaragara, uwo mugi wigeze kwitwa "Diopolis" (umugi wa Zeus), mu rwego rwo guha icyubahiro Imana yabo. Mu kinyejana cya kane, hateraniye inama ya konsile yahuje Amatorero. Byashoje, umugi bawuvuyemo kubera ikibazo k'imitingito y'isi ya hato na hato.

Biragaragara ko ibiranga iki gisekuru cya nyuma bihuye neza n'iby'igisekuru turimo. Urugero, basengaga Imana imwe, Zeus, ari yo yari imana iri hejuru y'izindi ikaba na se w'izindi mana. Ibi bitumenyesha umurongo ugenderwaho wa kidini wo mu kinyejana cyacu cya makumyabiri: "Imana imwe rukumbi, Data wa twese", ihame rihamya ubuvandimwe bw'abantu, kandi ubu ni ryo rigenderwaho n'abaporotesitanti, abagatolika, ab'idini y'Abayuda, abahindu, n'abandi, ubu barihuza, batekereza ko icyo kintu cyo kwihuza mu muhango wo gusenga cyakongera urukundo rwacu, imyumvire yacu hagati yacu n'ubusabane bwacu bamwe ku bandi. Rwose ubu, abagatolika n'abaporotestanti barashaka ubwo bumwe, kandi ndetse bashyize imbere ubwo bufatanye, mu mugambi wateguwe wo kugira ngo n'abandi babukurikire. Iyo myifatire yabashije kugaragara mu Muryango w'Abibumbye, igihe abayobozi b'iyi si banze kwemera igitekerezo na kimwe kirebana n'umuhango wo gusenga mu by'Umwuka cy'umwihariko, ahubwo bategetse ko abantu bareka ibyo bitekerezo byose bitandukanye, mu kwiringira ko amadini yose ashingiye muri rimwe, kubera ko yose agamije bimwe, yose akaba afite intego zimwe kandi, mu bigaragara, yose akaba afite ukuri.

Nimwitegereze izina rya Lawodikiya: "uburenganzira bwa rubanda" cyangwa: "ubutabera bwa rubanda". Ese higeze kubabo igisekuru, kimeze nk'igisekuru k'Itorero ry'ikinyejana cya makumyabiri, cyabonye amahanga YOSE ahaguruka agasaba ko habaho ubudasumbana mu bantu no mu by'ubukungu? Turi mu gisekuru cy'ubukomonisiti aho abantu bose bakagombye kuba bareshya, nubwo ibyo aba ari mu magambo gusa. Turi mu gisekuru cy'amashyaka ya politiki yiyita ko aharanira demokarasi- ashyigikiye ubukristu - ashyigikiye sosiyalisimu n'ubukristu, urugaga rw'abakristo bishyize hamwe n'ibindi. Dushingiye ku bivugwa n'abanyatewolojiya bigenga,Yesu yari umusosiyalisiti (umuntu uharanira ko abantu bose bareshya. -Usobanura.), kandi n'itorero rya mbere, riyobowe n'Umwuka, na ryo ryakoraga ibikorwa bishingiye kuri sosiyalisimu (ugusangira byose. -Usobanura.), kandi ku bw'ibyo natwe twakagombye

gukora dutyo uyu munsi.

Igihe abakera bitaga Lawodikiya “umugi w'ihuriro rya bose”, kwari ugushaka Leta ihuriweho n'isi, ni yo turimo gushyiraho. Dutekereza ko uyu mugi wabaye ikicaro gikuru k'inama ya konsile ikomeye ihuza Amatorero, turabona ibyo mu gishushanyo k'impuzamadini irimo gukorwa uyu munsi, kandi bidatinze tuzabona abiyita abakristu bose bayiteraniyemo. Ni iby'ukuri, Itorero na Leta, idini na politiki birimo kuba umwe. Urukungu rurimo guhambirwa. Ingano bidatinze yiteguye guhunikwa mu kigega.

Uyu mugi wabagamo buri gihe imitingito y'isi, biza kurangira iwushenye. Ku iherezo ry'iki gisekuru, Imana izateza isi yose igishyitsi, yasambanye na maraya wa kera. Imikorere y'iyi si yo yonyine izasenyuka, ahubwo n'isi ubwayo izanyeganyezwa, hanyuma yongere ihindurwe nshya ku bw'Ingoma y'Ubwami bw'imyaka igihumbi bwa Kristo.

Umugi wari Ufite ubutunzi bwinshi, warakijijwe n'abantu b'abatunzi. Umuco waho wari uteye imbere. Ubuhanga bwaho bwari bugwiriye. Uyu munsi, ni ko bimeze. Amatorero afite ubutunzi. Amateraniro yahindutse ikintu kiza abantu bakora by'umuhango, ariko usanga ari iteraniro rikonje kandi ryarapfuye. Umuco n'ubumenyi byafashe umwanya w'Ijambo ryatanzwe n'Umwuka, kandi ukwizera kwasimbujwe ubumenyi, ku buryo umuntu ari imbata y'iby'isi.

Muri buri kimwe mu biyiranga, Lawodikiya ya kera uyisanga mu Gisekuru cya Lawodikiya cyo mu kinyejana cya makumyabiri. Ku bw'impuhwe z'Imana, abafite amatwi yo kumva nimusohoke hagati muri yo, kugira ngo mutifatanya n'ibyaha byayo n'urubanza ruzakurikiraho.

IGISEKURU CYA LAWODIKIYA

Igisekuru cya Lawodikiya cyatangiye mu ntangiriro z'ikinyejana cya makumyabiri, nko muwa 1906. Ese kizamara igihe kingana iki? Nk'umugaragu w'Imana wagize amayerekwa atabarika muri yo akaba NTA NA RIMWE ryabuze gusohora, mbivuze hakiri kare (simpanuye, ahubwo mbivuze mbere bitaraba) ko iki gisekuru kizarangira mu gihe kiri hafi aho y'umwaka wa1977. Niba mushaka kunyemerera aha ni uko mbibona ku bwange, nababwira ko ibyo mbivuga nshingiye ku mayerekwa arindwi yabanje y'ingenzi nabonye imbere yange akurikiranye umunsi umwe ari ku Cyumweru mu gitondo, muri Kamena 1933. Umwami Yesu yavuganye nange, avuga ko Ukuza k'Umwami kwari kwegereje, ariko ko mbere y'Ukugaruka Kwe, ibintu birindwi by'ingenzi byari bigiye kubaho. Byose narabyanditse, kandi muri icyo gitondo, nabwiye abantu uguhishurirwa nahawe n'Umwami. Nshingiye ku iyerekwa rya mbere, Musolini yari agiye gutera Etiyopiya, kandi icyo gihugu yari agiye: “kukigarurira”. Iryo yerekwa ryateje impagarara mu bantu, ku buryo bamwe bagize uburakari bukabije igihe navuze ibyo, kandi ntibashatse kubyizera. Ariko ryasohoye uko riri. Rwose yinjiye mu gihugu yitwaje intwaro zigezweho, kandi yafashe ubutegetsi. Abene gihugu mu by'ukuri ntibari kumuhangara. Ariko iyerekwa ryavugaga ko na none Musolini yajyaga kuzagira iherezo ribi biteye ubwoba, igihe ubwoko bwe bwajyaga kuzamuhinduka. Ibyo byabayeho neza neza nk'uko byari byaravuzwe.

Irindi yerekwa ryavugaga ko Umunya Otirishiya witwa Adolf Hitler wajyaga kuzahaguruka kandi agahinduka umutegetsi w'umunyagitugu w'Ubudage, kandi ko yajyaga kuzashora isi mu ntambara. Ryerekanaga Umurongo Siegfried, n'ibibi byose ingabo zacu zajyaga kuzacamo. Hanyuma, ryerekanaga na none ko Hitler yajyaga kuzagira iherezo ry'amayobera.

Igice k'iyerekwa rya gatatu cyarebanaga na politiki y'isi, kuko ryanyerekaga ko hajyaga kuzabaho amoko atatu akomeye y'imirongo ya politiki (ISMES) umurongo wa Fashizime (Fascisme), Umurongo w'Ubunazi (Nazisme), n'umurongo w'Ubukominisiti (Comunism), ariko ko ubwo bubiri bubanza bwajyaga kuzazimirira mu bwa gatatu. Ijwi rimbwira rinyihanangiriza riti: “ITEGEREZE UBURUSIYA! ITEGEREZE UBURUSIYA! HANGA AMASO Umwami Wo mu Majyaruguru.”

Iyerekwa rya kane ryagaragazaga iterambere rikomeye ubuhanga bwajyaga kuzagira nyuma y'intambara ya kabiri y'isi. Ryari ryashojwe n'iyerekwa ry'imodoka ifite igice cyo hejuru kimeze nk'ikintu kibumbabumbye cya purasitiki. Itwarwa hakoreshejwe telekomande, yajyaga kuzazenguruka mu mihanda myiza bihebuje, kandi nta deregisiyo yari ifite, ku buryo wabonaga abantu bicayemo bakina umukino runaka kugira ngo bishimishe.

Iyerekwa rya gatanu, ryari rifitanye isano n'ibibazo by'imyitwarire yo muri iki gisekuru cyacu, byarebanaga cyane cyane n'abagore. Imana inyereka ko abagore bari batangiye kuva mu mwanya wabo bahabwa uburenganzira bwo gutora. Hanyuma, biyogoshesheje imisatsi, bisobanura ko batari bakiri munsi y'ubutware bw'umugabo, ahubwo bakomezaga gusaba ko bagira uburenganzira bungana, cyangwa se mu bintu byinshi, bakagira uburenganzira busumbyeho. Bambaye imyambaro y'abagabo, kandi barushijeho kwiyambika ubusa, ku buryo ishusho ya nyuma nabonye yari iy'umugore wambaye ubusa buri buri, uretse agataburiya kagufi kari kameze nk'ikibabi cy'umutini. Ku bw'iryo yerekwa, mbona ugusayisha ko guta umuco guteye ubwoba kw'isi yose uko yakabaye, kandi uko yari imeze mu by'umuco byari ibintu by'agahomamunwa.

Hanyuma, mu iyerekwa rya gatandatu, muri Amerika hahaguruka umugore mwiza w'uburanga buhebuje, ariko yari umugome. Yari afite ububasha bwose ku bantu. Ntekereza ko kwari ukuzamuka kwa Kiliziya Gatolika y'i Roma, ariko nari nzi ko wenda ari iyerekwa ry'umugore wari ugiye kuzafata ubutegetsi bukomeye muri Amerika abikesha uburenganzira bwo gutora kw'abagore.

Mu iyerekwa rya karindwi ari na ryo rya nyuma, numva urusaku rw'igiturika. Mpindukiye ngo ndebe, nibonera amatongo, umunwa w'ikirunga n'umwotsi ucucumuka cyane ku butaka bwose bw'Amerika.

Nshingiye kuri aya mayerekwa arindwi, ndetse no ku mpinduka zihuta zageze hose ku isi yose ubu hashize imyaka mirongo itanu, MBIVUZE MBERE BITARABA (nta bwo mpanuye) ko aya mayerekwa yose azasohora kugeza mu wa 1977. Kandi nubwo abantu benshi bazumva ko ibyo mpamya ari ibintu biraho byo kutitabwaho, kubera ko Yesu yavuze ko: "Nta muntu n'umwe uzi umunsi cyangwa isaha", nkomeza guha agaciro ubwo busesenguzi imyaka mirongo itatu nyuma y'aho, kuko yesu NTA BWO yavuze ko nta muntu n'umwe wabasha kumenya umwaka, ukwezi, cyangwa se icyumweru Ukuza Kwe kuzasohoreraho. Noneho, reka mbisubiremo, nizera n'umutima wange wose, kandi ndakomeje, nshingiye ku byo nize mu Ijambo, ndetse hamwe n'uguhumekerwa guturuka ku Mana, ko 1977 ushobora rwose kuzaba iherezo ry'imikorere y'iyi si, kandi bikazatwinjiza mu bwami bw'imyaka igihumbi.

Noneho ndashaka kuvuga ibi: Umuntu yashobora kugaragaza ko haba hari rimwe muri ayo mayerekwa ritari ukuri? Ese yose ntiyasohoye? Ni byo, buri rimwe muri ayo mayerekwa ryarasohoye, cyangwa se arimo gusohora ubu. Musolini yashoboye gutera Etiyopiya, hanyuma yaratsinzwe kandi yambuwe byose. Hitler yatangije intambara atabashije gusoza, kandi yapfuye urupfu rw'amayobera. Ubukominisiti bwamize iyindi mirongo ibiri ya politiki yari iriho (ISMES). Imodoka imeze nk'umwiburungushure wa palasitiki ubu na yo yarakozwe, kandi icyo itegereje gusa n'ikorwa ry'umuhanda mwiza kurushaho izacamo. Abagore barasa n'abambaye ubusa, ku buryo basigaye bambara udukariso two kogana tudahisha igituza cyabo. Kandi, undi munsi byonyine, nabonye mu kinyamakuru ikanzu ndetse nari narabonye mu iyerekwa (niba umuntu yayita ikanzu). Kari akantu ka palasitiki kabonerana gafite utuntu dutatu tungana urwara twijimye twatwikiraga gusa agace gato k'amabere, kandi hepfo hari hari agace gato kijimye kameze nk'agataburiya kagufi. Kiliziya gatolika irakwira hose. Twagize umuperezida w'umugatolika, kandi nta gushidikanya tuzongera tugire undi. Ese ni iki gisigaye? Nta na kimwe, usibye gusa Abaheburayo 12.26:

> *"Ijwi ryayo ryateye isi igishyitsi icyo gihe, ariko none ubu irasezeranije iti: "Hasigaye rimwe ngatera isi igishyitsi, ariko si yo yonyine ahubwo n'ijuru na ryo."*

Na none, Imana izongera inyeganyeze isi, kandi icyo gihe izanyeganyeza ikibasha kunyeganyega cyose gikurweho. Hanyuma, izayihindura nshya. Vuba aha muri Werurwe 1964, uwo mutingito w'isi wabayeho kuwa Gatanu mutagatifu muri Alaska wanyeganyeje isi yose, nyamara ntiyahungabanye ngo ive mu mwanya wayo. Ariko, ku bw'uwo mutingito wagaragaye ku isi hose, Imana yaratuburiye ku byo igiye kuzakora bidatinze ku gice kinini kurushaho k'isi. Izanyeganyeza kandi izarimbura iyi si yavumwe kubera icyaha, mwene Data, mushiki wange, hari ahantu hamwe gusa hashobora kuzahangana n'icyo kintu, ni mu rugo rw'intama rw'Umwami Yesu. Kandi ndabinginze, mu gihe mukibasha guhabwa ku mbabazi z'Imana, ngo mutange ubugingo bwanyu, mutizigamye, mubwegurire Yesu Kristo, We mushumba wo kwizerwa, ni We uzabatabara, ni We uzabitaho, kandi ni We uzabaragira mu bwiza, buhebuje no mu byishimo.

INTUMWA

Ndashidikanya cyane ko nta gisekuru k'itorero na kimwe kigeze kimenya intumwa Imana yari yacyoherereje, uretse igisekuru cya mbere Pawulo yari abereye intumwa. Kandi rwose no muri icyo gisekuru, benshi ntibamumenye ngo bamenye icyo yari cyo.

Nyamara, igisekuru turimo ubu kizaba kigufi cyane. Ibintu bizihuta cyane. Ku bw'ibyo, intumwa y'iki gisekuru cya Lawodikiya igomba kuba ubu iri aha, nubwo wenda twaba tutarayimenya. Ariko nta gushidikanya, igihe kizagera izamenyekana. Nyamara, ibyo byose nshobora kubigaragaza, kuko dufite imirongo y'Ibyanditswe igaragaza neza ubukozi bwe.

Icya mbere, iyo Ntumwa izaba ari Umuhanuzi. Azaba afite ubukozi bwahanuwe. Ubukozi bwe buzashingira cyane ku Ijambo, kuko, igihe azatanga ubuhanuzi cyangwa akagira iyerekwa, igihe cyose bizaba "bishingiye kw'Ijambo", kandi IGIHE CYOSE bizasohora. Azahamirizwa by'ukuri ko ari umuhanuzi ku bw'ubuhanuzi bwe bw'ukuri bidasubirwaho.

Igihamya cy'uko ari umuhanuzi, kiri mu Byahishuwe 10: 7

> *"Ahubwo mu minsi y'ijwi rya marayika wa karindwi ubwo azatangira kuvuza impanda, ni ho ubwiru bw'Imana buzaba busohoye nk'uko yabwiye imbata zayo ari zo bahanuzi."*

Nyamara, uwo muntu uyu murongo wita ''marayika'' mu nsobanuro muri Bibiliya yitiriwe umwami James[Insonuro ya Bibiliya y'icyongereza], Nta bwo ari Marayika wo mu Ijuru. Marayika wa Gatandatu uvuza impanda ni Marayika wo mu Ijuru; tumusanga mu Byahishuwe 9: 13; Marayika wa karindwi, umeze

kimwe na bo ari mu Byahishuwe 11:15. Uwo dufite aha mu Byahishuwe 10:7, ni intumwa y'igisekuru cya karindwi: ni umuntu, kandi agomba gutanga ubutumwa ahawe n'Imana, kandi ubutumwa bwe n'ubukozi bwe bizasoza ubwiru bw'Imana nk'uko yabimenyesheje imbata zayo ari zo bahanuzi. Imana izafata iyi ntumwa ya nyuma nk'umuhanuzi, KUKO ARI UMUHANUZI; ni cyo Pawulo yari cyo mu gisekuru cya mbere… n'igisekuru cya nyuma na cyo kiramufite.

Amosi 3:6-7:

> *Mbese impanda yavugirizwa mu mudugudu abantu ntibagire ubwoba? Hari ibibi byatera umudugudu Uwiteka Imana atari we ubizanye?*
>
> *Ni ukuri Uwiteka Imana ntizagira icyo ikora, itabanje guhishurira abagaragu bayo b'abahanuzi ibihishwe byayo.*

Ni mu gahe k'igihe cya nyuma uguhinda kurindwi kw'inkuba za Yesu kumvikanye.

Ibyahishuwe 10;3-4 haratubwira hati:

> *"Arangurura n'ijwi rirenga nk'uko intare yivuga. Avuze iryo jwi rirenga guhinda kurindwi kw'inkuba kuvuga amajwi yako.*
>
> *Kandi guhinda kurindwi kw'inkuba kumaze kuvuga, nari ngiye kwandika nuko numva ijwi rivugira mu Ijuru rimbwira riti: iby'uko guhinda kw'inkuba kuvuze ubizigame, bibe ubwiru ntubyandike.'*

Nta muntu n'umwe uzi ibyari biri muri uko guhinda kw'inkuba. Nyamara dukeneye kubimenya. Kandi bizaba ngombwa ko aba ari umuhanuzi ugomba kwakira uguhishurirwa kwabyo, kuko Imana idafite ubundi buryo bwo kuzana uguhishurirwa guturutse kuri yo kw'Ibyanditswe byayo keretse ikunyujije ku muhanuzi. Igihe cyose ijambo ryaje kandi rizaza rinyuze ku muhanuzi. Ubisuzumye, utiriwe ubyinjiramo cyane, Ibyanditswe birahagije kugaragaza ko ibyo ari itegeko ry'Imana.

Imana idahinduka, ifite inzira zidahinduka, ntiyigeze ibura na rimwe kohereza umuhanuzi wayo muri buri gisekuru, iyo abantu babaga bagiye kure ya gahunda y'Imana. Igihe abanyatewolojiya, na rubanda babaga bateye umugongo Ijambo, igihe cyose Imana yagiye yoherereza umugaragu wayo, kuri abo bantu (ariko idakoresheje abatewolojiya) kugira ngo akosore inyigisho z'ibinyoma kandi agarure abantu ku Mana. Bityo, tubona ko haza intumwa y'igisekuru cya karindwi, kandi ni umuhanuzi.

Ntitubona gusa uyu muhanuzi mu Byahishuwe 10.7 ahubwo turabona ko n'ijambo rivuga ku kuza kwa Eliya mbere yuko Yesu agaruka.

Matayo 17:10:

> *Abigishwa be baramubaza bati: "kuki abanditsi bavuga ko Eliya agomba kubanza kuza?'' Yesu aravuga ati: "Ni ukuri ko Eliya agomba kuza, akagarura byose.''*

Mbere y'Ukuza kw'Umwami wacu, Eliya agomba kugaruka ku bw'umurimo Wo kugarura byose mu itorero.

Ni cyo kivugwa muri Malaki 4:5:

> *"Dore, nzabohereereza umuhanuzi Eliya, umunsi w'Uwiteka ukomeye kandi uteye ubwoba utaragera. Uwo ni we uzasanganya imitima y'abana n'iya ba se, kugira ngo ntaza kurimbuza isi umuvumo."*

Rwose nta gushidikanya ko Eliya agomba kubanza kuza mbere y'Ukugaruka kwa Yesu. Afite umurimo agomba gukora wateganyijwe uzwi neza. Uwo murimo ni igice cya Malaki 4:5 kivuga ko azasanganya imitima y'abana n'iya base.'' Ari cyo kitumenyesha ko uwo murimo uzwi neza ari wo agomba gusohoza muri ibi bihe, ni uko ubu yamaze gusohoza igice kivuga ko: "azagarura imitima ya ba se ku bana babo'' igihe ubukozi bwa Eliya bwari buri hano muri Yohana Umubatiza. Luka1:17:

> *"Azagendera imbere yayo mu Mwuka n'ububasha bya Eliya, kugira ngo asanganye Imitima ya ba se n'iy'abana. Abatumvira Imana azabagarura mu bwenge bw'abakiranutsi, ngo ategure ubwoko bwatunganirijwe Umwami Imana.*

Ku bw'ubukozi bwa Yohana, "imitima ya ba se yagaruwe ku y'abana''. Turabizi, kuko Yesu yabivuze. Ariko ntihavugwa ko ari imitima y'abana yagaruwe ku ya ba se. Ibyo na byo bigomba gukorwa. Imitima y'abana b'uminsi wa nyuma izagarurwa ku ya ba se bo kuri Pantekote. Yohana yateguye ba se kugira ngo Yesu abashe kwakira abana mu rugo rw'intama. Ubu, uwo muhanuzi Umwuka wa Eliya azamanukaho azategura abana kugira ngo bongere bakire Yesu.

Yesu yagaragaje Yohana Umubatiza nka Eliya.

Matayo 17:12,

"Ariko ndababwira yuko Eliya yaje ntibamumenya, ahubwo bamugira uko bashaka.

Impamvu yatumye Yaragaragaje Yohana nka Eliya, ni uko Umwuka wari uri kuri Eliya waragarutse kuri Yohana, nk'uko na none uwo Mwuka wari waragarutse kuri Elisa nyuma y'ingoma y'umwami Ahabu. Nyamara, uwo Mwuka uzongera kugaruke indi nshuro ku muntu, mbere gato y'Ukugaruka kwa Yesu.

Azaba ari Umuhanuzi. Imana izahamya ko ari we. Kubera ko Yesu ubwe atazaba ahari, mu buryo bw'umubiri ngo amuhamirize (nk'uko yabikoze kuri Yohana), Umwuka Wera ni We uzabikora, ku buryo ubukozi bw'uwo muhanuzi buzaba buherekejejwe n'ukwigaragaza kw'imbaraga n'ibitangaza. Nk'umuhanuzi, uguhishurirwa kose kuzaba guhamirijwe, kuko uguhishurirwa kose kuzasohora. Ukugaragara kw'imbaraga n'ibitangaza bikomeye bizigaragaza ku bw'itegeko ry'ukwizera kwe. Nyuma y'aho, ubutumwa Imana yamuhaye mu Ijambo buzatangazwa, kugira ngo agarure abantu ku kuri no ku mbaraga nyakuri y'Imana. Bamwe bazumva, ariko abenshi bazamwanga, nk'uko ibyo igihe cyose ari ko byagiye bigenda.

Kubera ko iyo ntumwa - y'umuhanuzi wo mu Byahishuwe 10:7 azaba ari na we wo muri Malaki 4:5-6 azaba afite imiterere isa n'iya Eliya, n'iya Yohana. Abo bagabo bombi bagenderaga kure amashuri ya kidini yari azwi yo mu gihe cyabo. Bombi uko ari babiri bari abantu bakunda kwibera mu gasozi. Bombi uko ari babiri bagiraga icyo bakora gusa ari uko babaga bahawe n'Imana ku buryo butaziguye ''Uku ni ko Umwami avuze'', ku bwo guhishurirwa. Bombi uko ari babiri barwanyije byimazeyo amategeko ya kidini n'abayobozi mu by'Umwuka b'igihe cyabo. Kandi si ibyo gusa, ahubwo na none barwanyije bivuye inyuma ababaga baraguye bakayoba cyangwa ababaga bashobora kuyobya abandi. Kandi mwitegereze, bombi uko ari babiri bahanuye cyane barwanya abagore bataye umuco n'imyifatire yabo. Eliya yamaganye ku mugaragaro Yezebeli, Yohana na we yacyashye Herodiya, umugore wa Filipo.

Ntazaba icyamamare, ariko nyamara, azahamirizwa n'Imana. Nk'uko Yesu yahamirije Yohana, kandi nk'uko Umwuka Wera Yahamirije Yesu, rwose dushobora gutekereza uko uwo muntu yaba ameze mbere rwose yo guhamirizwa n'Umwuka Akorera mu buzima bwe imirimo y'imbaraga itabasha kugibwaho impaka, kandi utazabona ahandi; kandi Yesu ubwe, Agarutse, azamuhamiriza nk'uko yahamirije Yohana. Yohana yahamije Ukuza kwa Yesu; na none, uwo muntu, kimwe na Yohana, azahamya Ukuza kwa Yesu mu gihe ke. Kandi rwose Ukugaruka kwa Kristo kuzagaragaza ko uwo muntu rwose yari integuza yo kugaruka kwa kabiri Kwe. Iyi ni gihamya ya nyuma igaragaza rwose ko ari umuhanuzi wo muri Malaki 4. Kubera ko kugaragara kwa Yesu ari ryo herezo ry'igihe cy'abanyamahanga. Icyo gihe bizaba ari impita gihe ku bazaba baramwanze.

Kugira ngo na none turusheho kugaragaza neza ishusho yacu y'umuhanuzi w'uyu munsi wa nyuma, turebe by'umwihariko ko umuhanuzi wo muri Matayo11:12 yari Yohana Umubatiza, wari waravuzwe mbere muri Malaki 3:1:

"Dore nzatuma integuza yange izambanziriza intunganyirize inzira. Umwami mushaka azaduka mu rusengero rwe, kandi n'Intumwa y'Isezerano mwifuza, dore iraje, "Ni ko Uwiteka Imana Nyiringabo avuga."

Matayo 11:1-12:

" Yesu amaze guha itegeko abigishwa be cumi na babiri, avayo ajya kwigisha no kubwiriza abantu mu midugudu y'aho.

Ariko Yohana yumviye mu nzu y'imbohe ibyo Yesu akora, atuma abigishwa be ko bamubaza bati:

''Mbese ni wowe wa wundi ukwiriye kuza cyangwa dutegereze undi?''

Yesu arabasubiza ati: "Nimugende mubwire Yohana ibyo mwumvise n'ibyo mubonye.

Impumyi zirahumuka, ibirema biragenda, ababembe barakira, ibipfamatwi birumva, abapfuye barazurwa, abakene barabwirwa ubutumwa bwiza,

kandi hahirwa uwo ibyange bitazagusha.'

Abo bakigenda,Yesu atangira kuvugana n'abantu ibya Yohana ati: 'mwagiye mu butayu kureba iki? Urubingo ruhungabanywa n'umuyaga?

Ariko mwagiye kureba iki? Umuntu wambaye imyenda yorohereye? Erega abambara iyorohereye baba mu ngo z'abami!

Ariko mwajyanywe n'iki? Kureba umuhanuzi? Ni koko, kandi ndababwira yuko aruta umuhanuzi cyane.

Uwo ni we wanditsweho ngo: 'dore nohereje intumwa yange imbere yawe, izakubanziriza

igutunganyirize inzira.'

Ndababwiza ukuri ko mu babyawe n'abagore hatigeze kubaho umuntu uruta Yohana Umubatiza, ariko umuto mu bwami bwo mu ijuru aramuruta.''

Ibyo byamaze gusohora. Ibyo byabayeho. Byararangiye. Ariko mwitegereze noneho muri Malaki 4:1-6:

"Dore hazaba umunsi utwika nk'itanura ry'umuriro, abibone bose n'inkozi z'ibibi zose bazaba ibishingwe, maze habe umunsi uzabatwika bashire, ni ko Uwiteka Imana Nyiringabo avuga, ntuzabasigira umuzi cyangwa ishami.

Ariko mwebweho abubaha Izina ryange, izuba ryo gukiranuka rizabarasira rifite gukiza mu mababa yaryo, maze muzasohoka mukinagire nk'inyana zo mu kiraro.

Kandi muzaribatira abanyabyaha hasi, bazaba ivu munsi y'ibirenge byanyu ku munsi nzabikoreraho. Ni ko Uwiteka Imana Nyiringabo avuga.

Nimwibuke amategeko y'umugaragu wange Mose, ayo namutegekeye i Horebu yari ay'Abisirayeli bose, yari amategeko n'amateka.

Dore nzabohererereza umuhanuzi Eliya umunsi w'Uwiteka Imana ukomeye kandi uteye ubwoba utaragera.

Uwo ni we uzasanganya imitima y'abana n'iya ba se, kugira ngo ntazaza kurimbuza isi umuvumo.''

Murabona, ako kanya nyuma yo kuza K'UWO Eliya, isi izezwa n'umuriro kandi ababi bazahindurwa ivu. Ibyo birumvikana ko BITIGEZE bibaho mu gihe cya Yohana (ari we Eliya wo muri iki gihe). Umwuka w'Imana wahanuye kuza kw'iyo ntumwa muri Malaki 3:1(Yohana) gusa byari ugusubiramo ubuhanuzi bwari bwaravuzwe, ubwo Yari Yaramaze kubugaragaza muriYesaya 40:3, nibura ibinyejana bitatu mbere y'aho.

Nimwumve ijwi ry'urangurura ngo: "Nimutunganyirize Uwiteka inzira mu butayu, mugororere Imana yacu inzira nyabagendwa mu kidaturwa.

Nyamara Yohana, ku bw'Umwuka Wera, yari ijwi na none ryagaragazaga neza Yesaya kimwe na Malaki; Matayo 3:3:

"Kandi ni we wavuzwe n'umuhanuzi Yesaya ngo: 'Ijwi ry'urangururira mu butayu' ati: 'Nimutunganye inzira y'Uwiteka Imana, mugorore inzira ze.'"

Ku bw'ibyo, dushobora rwose kubona, dushingiye kuri iyi mirongo ko umuhanuzi wo muri Malaki 3, yari Yohana, NTA BWO yari umuhanuzi wo muri Malaki 4 nubwo ari iby'ukuri ko Yohana n'uwo muhanuzi w'umunsi wa nyuma bose uko ari babiri bambitswe Umwuka umwe wari uri kuri Eliya.

Nyamara, iyo ntumwa yo muri Malaki 4 n'iyo mu Byahishuwe 10:7 azakora ibintu bibiri, Icya mbere: dushingiye kuri Malaki 4, azagarura imitima y'abana ku ya base. Icya kabiri: azahishura ubwiru bwo guhinda kurindwi kw'inkuba ko mu Byahishuwe 10, ari byo byahishuwe bikubiye mu bimenyetso birindwi. Ibyo bizaba ari uko ''Kuri - k'ubwiru''. Ibyo bihishuwe n'Imana, ni byo bizagarura imitima y'abana ku ya ba se bo kuri Pantekote. Uko ni ko bizagenda neza neza.

Ariko na none mumenye ibi. Uyu muhanuzi- w'intumwa azaba, muri kamere ye n'imikorere ye, ameze nka Eliya na Yohana. Abantu, mu gihe k'iyi ntumwa - y'umuhanuzi, bazaba bameze nk'abo mu gihe cya Ahabu, n'abo mu gihe cya Yohana. Ariko kubera ko ari ABANA GUSA imitima yabo izagarurwa, abana gusa ni bo bazumva. Mu gihe cya Ahabu hari hari 700 by'Abisirayeli bakomotse mu rubyaro nyakuri. Mu gihe cya Yohana na bwo hari hari bakeya gusa. Abantu nyamwinshi, muri ibyo bihe biberaga mu busambanyi bwo gusenga ibigirwamana.

Nifuzaga kongera kugereranya hagati y'iyo ntumwa - y'umuhanuzi ya Lawodikiya na Yohana, intumwa - y'umuhanuzi wabanjirije Ukuza kwa mbere kwa Yesu. Mu gihe cya Yohana, abantu bamufashe nka Mesiya. Yohana 1:19-20:

« Ibi ni byo Yohana yahamije, ubwo Abayuda bamutumagaho abatambyi n'Abalewi, bavanywe i Yerusalamu no kumubaza bati: « Uri nde?'' Nuko ntiyabahisha ukuri ahubwo araberurira ati: « Si nge Kristo. »

Nyamara, iyo ntumwa - y'umuhanuzi y'umunsi wa nyuma azaba afite imbaraga nk'izo imbere y'Umwami, ku buryo hazabaho abazamufata nk'aho ari Umwami Yesu.

(Mu gihe cya nyuma, mu isi hazaba hari umwuka uzayobya benshi, kandi uzabizeza ibyo.

Matayo 24:24-26:

« Kuko abiyita Kristo n'abahanuzi b'ibinyoma bazaduka bakora ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza, kugira ngo babone uko bayobya n'intore niba bishoboka.

Dore mbibabwiye bitaraba.

Nuko nibababwira bati dore ari mu butayu, ntimuzageyo, cyangwa bati 'dore ari mu kirambi' ntimuzabyemere.")

Ariko by'umwihariko ntimukizere ibyo. Nta bwo ari we Yesu Kristo. Nta bwo ari Umwana w'Imana. NI UMWE MURI BENE SE, UMUHANUZI, INTUMWA, UMUGARAGU W'IMANA. Nta bwo akeneye guhabwa icyubahiro gikomeye kirenze icyo Yohana yahawe igihe yari ijwi ryarangururaga rigira riti: " Nta bwo ndi Kristo; AHUBWO AZA NYUMA YANGE."

Mbere yo kwanzura iki gice kivuga ku ntumwa y'igisekuru cya Lawodikiya, tugomba kwita cyane kuri ibi bitekerezo bibiri bikurikira. Icya mbere: iki gisekuru kizagira Intumwa IMWE RUKUMBI - y'Umuhanuzi. Ibyahishuwe 10:7 haravuga hati: ''Igihe we (mu buke) yajyaga kuzavuza impanda.'' Nta gisekuru na kimwe Imana yahaye ubwoko bwayo abahanuzi babiri bakuriye icyo gisekuru icyarimwe. Yatanze Enoki (wenyine); yatanze Nowa (wenyine); yatanze Mose (wenyine ni we wari ufite Ijambo nubwo n'abandi bahanuraga); Yohana Umubatiza yaje WENYINE. Nyamara kuri uyu munsi wa nyuma, hagomba kuba hari UMUHANUZI (si umuhanuzikazi — nubwo muri iki gisekuru hariho abagore benshi kuruta abagabo bavuga ko bazana uguhishurirwa guturutse ku Mana), kandi Ijambo ridashobora guhera rivuga ko ari uwo (muhanuzi) uzahishurira abantu ubwiru mu gihe cya nyuma, kandi akaba ari we uzagarura imitima y'abana ku ya base.

Hari abavuga ko ubwoko bw'Imana buzateranira hamwe ku bw'uguhishurirwa kwa rusange. Sinemeranya n'ibyo bahamya. Ni igitekerezo gikurwaho burundu n'Ibyahishuwe 10:7. Nyamara, simpakana ko abantu bazahanura muri iki gisekuru cya nyuma, kandi ko ubukozi bwabo bushobora kuba ari ubw'ukuri kandi buzaba ari ubw'ukuri. Simpakanye ko hazabaho abahanuzi nk'uko byari bimeze mu gihe cya Pawulo, igihe habonetse: ''umuhanuzi nka Agabo uhanura inzara''. Ndemera ko ibyo byose ari iby'ukuri. ARIKO NSHINGIYE KU BUHAMYA BW'UKURI NKURA MU IJAMBO RY'IMANA, MPAKANYE KO HABAHO ABARENZE INTUMWA IMWE RUKUMBI - Y'UMUHANUZI UKURIYE IGISEKURU AKAZAHISHURA UBWIRU NK'UKO BURI MU IJAMBO, KANDI AKABA AFITE UBUKOZI BWO KUGARURA IMITIMA Y'ABANA KU YA BASE.

"Uku ni ko Umwami avuze'', ku bw'ijambo ritabura na rimwe gusohora, iracyafite agaciro, kandi izakomeza kukagira, kandi izahamirizwa. Hari intumwa imwe rukumbi - y'umuhanuzi y'iki gisekuru. Buri umwe arabizi, tuzi imyitwarire y'abantu, ko igihe abantu benshi bavuga ku nyigisho imwe y'ingenzi, uko byagenda kose igihe cyose uzasanga habaho kudahuza ku ngingo zitari iz'ingenzi z'iyo nyigisho. Ni nde rero uzagira ubushobozi bwo kutagira icyo yakosa, ugomba kongera gushyirwaho muri iki gisekuru cya nyuma, kubera ko iki gisekuru cya nyuma kizongera kigaragaze Umugeni wabyawe n'Ijambo Ritavangiye? Ibyo bisobanuye ko tuzongera tukabona Ijambo nk'uko ryari ryaratanzwe neza neza kandi rikumvwa neza neza nk'uko ryumviswe mu gihe cya Pawulo. Ngiye kubabwira uzaba arifite. Azaba ari umuhanuzi na none uzahamirizwa ku buryo bwuzuye, cyangwa ndetse na none, kurusha abandi bahanuzi, bo mu bihe byose, uhereye mu gihe cya Henoki ukageza muri iki gihe cyacu, kubera ko ni ngombwa ko uwo muntu azaba afite ubukozi bw'ibuye risoza, kandi Imana ni yo izagaragaza ko ari we. Ntazaba akeneye kwihamiriza ubwe, ni Imana izamuhamiriza, ikoresheje ijwi ry'ikimenyetso. Amina.

Igitekerezo cya kabiri kigomba guhora kiri mu mitima yacu ni uko ibisekuru birindwi by'Itorero byatangiranye n'Umwuka wa Antikristo na none bitangirana n'Umwuka Wera, Agomba guhora ahimbazwa iteka ryose.

Yohana 4:1:

"Bakundwa, ntimwizere imyuka yose ahubwo mugerageze imyuka ko yavuye ku Mana, kuko abahanuzi b'ibinyoma benshi baje mu isi."

Ese mwitegereje neza? Umwuka wa antikristo ugaragazwa n'abahanuzi b'ibinyoma.'' Ibihe by'itorero byatangiranye n'abahanuzi b'ibinyoma, kandi bizarangirana n'abahanuzi b'ibinyoma. Ni byo rwose, hazabaho UMUHANUZI W'IBINYOMA nyirizina, wujuje byose, nk'uko insobanuro iri: Uwo muntu uvugwa mu Byahishuwe. Ariko muri iki gihe, mbere yuko uwo ahishurwa, abahanuzi b'ibinyoma benshi bagomba kugaragara.

Matayo 24:23-26:

"Icyo gihe umuntu nababwira ati: 'Dore Kristo ari hano cyangwa ari hariya, ntimuzabyemere.

Kuko abiyita Kristo n'abahanuzi b'ibinyoma bazaduka bakora ibimenyetso bikomeye

n'ibitangaza, kugira ngo babone uko bayobya n'intore niba bishoboka.

Dore mbibabwiye bitaraba.

Nuko nibababwira bati dore ari mu butayu, ntimuzageyo, cyangwa bati: 'Dore ari mu kirambi', ntimuzabyemere."

Abo bahanuzi b'ibinyoma twabatungiwe agatoki ahantu henshi mu Byanditswe, nk'aha hakurikira.

2Petero 2:1-2:

"Ariko nk'uko hariho abahanuzi b'ibinyoma badutse mu bwoko bw'Abisirayeli ni ko no muri mwe hazabaho abigisha b'ibinyoma, bazazana rwihereranwa inyigisho zirema ibice zitera kurimbuka, ndetse bazihakana na shebuja wabacunguye bizanire kurimbuka gutebutse.

Ingeso zabo n'isoni nke benshi bazazikurikiza batukishe inzira y'ukuri."

2Timoteyo 4.3-4:

Kuko igihe kizaza batazihanganira inyigisho nzima, ahubwo kuko amatwi yabo azaba abarya yifuza kumva ibibanezeza, bazigwiriza abigisha bahuje n'irari ryabo,

kandi baziziba amatwi ngo batumva ukuri, bazayoba bakurikize imigani y'ibinyoma.

Timiteyo 4.1:

" Ariko Umwuka avuga yeruye ati: 'Mu bihe bizaza bamwe bazagwa bave mu byizerwa bite ku myuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni.'

Nyamara, muri buri cyanditwe, muzabona ko umuhanuzi w'ibinyoma aba ari umuntu uri inyuma y'Ijambo. Nk'uko twaberetse ko "antikristo'' bisobanura "umuntu urwanya Ijambo'' abo bahanuzi b'ibinyoma, rero, baraza bagacurika Ijambo, bakariha insobanuro ijyanye n'imigambi yabo y'imikorere ya Satani. Mwigeze kubona ukuntu abantu bayobora abandi mu buyobe bakabihambiraho ku mbaraga, ku bw'iterabwoba? Bababwira ko niba batabumviye cyangwa bakabavaho, bazarimbuka. Abo ni abahanuzi b'ibinyoma, kuko umuhanuzi w'ukuri igihe cyose ayobora abantu ku Ijambo kandi azabahambira kuri Yesu Kristo, kandi ntababwira ngo bamutinye, we, cyangwa ibyo avuga, ahubwo ngo batinye icyo Ijambo rivuga.

Nimurebe uburyo abo bantu, kimwe na Yuda, biruka inyuma y'amafaranga. Batuma mugurisha ibyo mufite byose, ku bw'inyungu zabo no ku bw'uwo bakorera. Bamara umwanya muremure bakusanya amaturo aho kuwumara babwiriza Ijambo. Abagerageza gukoresha impano bazakoresha impano ifitemo agakosa kandi bakaka amafaranga, badaha agaciro Ijambo kandi bavuga ko ibyo ari iby'Imana. Kandi hari abantu babasanga, bemera ibyabo bakabihanganira, bakabashyigikira kandi bakabizera, batazi ko iyo ari inzira y'urupfu. Ni byo, igihugu cyuzuyemo abigana b'abanyamubiri.

Kuri uyu munsi wa nyuma bazagerageza kwigana intumwa - ikaba n'umuhanuzi. Abahungu barindwi ba Sikewa bagerageje kwigana Pawulo. Simoni w'umukonikoni yagerageje kwigana Petero. Uko kwigana kuzaba ari iby'umubiri. Ntibazashobora gukora iby'umuhanuzi nyakuri akora. Igihe azavuga ko ububyutse burangiye, bazajya gutangaza hose uguhishurirwa gukomeye, bavuga ko ibyo abantu bafite rwose ari iby'ukuri, kandi ko Imana igiye na none gukora ibintu bikomeye kandi bitangaje kurushaho mu bantu. Kandi abantu bazemera gushukwa na bo. Abo bahanuzi b'ibinyoma bazatangaza ko umuhanuzi w'umunsi wa nyuma atize tewolojiya, kandi ko, ku bw'ibyo, atari ngombwa kumwumva. Ntibazashobora gukora nk'iby'intumwa; ntibazahamiriza n'Imana nk'uwo muhanuzi w'umunsi wa nyuma, ariko, bakoresheje n'amagambo yabo y'ubuhanga akomeye, n'uburemere bwo kwamamara hose ku isi, bazihanangiriza kugira ngo batumva uwo muntu (iyo ntumwa), bazavuga ko abwiriza inyigisho y'ikinyoma. Bagenda neza neza mu nzira za basekuruza babo, abafarisayo, bari ab'umubi, kuko bavugaga ko Yohana na Yesu bombi uko ari babiri bigishaga ikinyoma.

Nyamara, kubera iki abo bahanuzi b'ibinyoma barwanya umuhanuzi w'ukuri, kandi bagasebya inyigisho ye? Ni uko byari biteganyijwe, kubera ko ni cyo abababanjirije bakoze bo mu gihe cya Ahabu, igihe barwanyije Mikaya. Bari magana ane, kandi bose bavugaga rumwe; kandi, kubera ko bose bavugaga bimwe, bayobeje abantu. Ariko umuhanuzi UMWE RUKUMBI - umwe gusa - ni we wari ufite ukuri, kandi abandi bose bari bari mu kinyoma, kuko Imana yari yahaye uguhishurirwa UMWE GUSA.

Mwitondere abahanuzi b'ibinyoma kuko ari amasega aryana.

Niba mugifite ugushidikanya kuri ibyo, musabe Imana ibuzuze kandi ibayobore ikoresheje Umwuka wayo, KUKO INTORE ZIDASHOBORA KUYOBYWA. Ibyo mwabyumvise? Nta muntu n'umwe ushobora kubashuka ngo abayobye. Pawulo, iyo aza kuba yari ari mu kinyoma, ntiyajyaga kubasha kuyobya intore imwe. Intore zo mu gisekuru cya mbere, ari cyo cya Efeso, ntizashoboraga gushukwa ngo ziyobe, kuko

bagenzuraga bakamenya intumwa z'ibinyoma n'abahanuzi b'ibinyoma, basangaga ari ababeshyi, kndi ntibabemeraga. Haleluya! Intama ZE zumva ijwi Rye, kandi zikamukurikira. Amina! Ndabyizera.

INDAMUTSO

Ibyahishuwe 3.14:

> *"Uwiyita amen, umugabo wo guhamya kandi ukiranuka w'ukuri, inkomoko y'ibyo Imana yaremye aravuga aya magambo ati:"*

Yoo! Mbese aho ntidufite igishushanyo gitangaje bihebuje kurusha ibindi k'ibigwi by'Umwami wacu n'Umukiza ukundwa, Yesu Kristo? Aya magambo atuma ngira ikifuzo cyo kurangurura n'ijwi rirenga ry'umunezero. Yuzuza umutima wange ikintu nyirizina cy'umunezero ukomotse kuri ibyo bintu by'ukuri. Nsomye gusa, ndetse ntaranategereza kugira uguhishurirwa kuzuye ku bw'Umwuka, mba natwawe.

Yesu aduha icyo gishushanyo Ke ubwe agihuza n'igisekuru cya nyuma. Iminsi y'ubuntu igeze ku ndunduro yayo. Yararanganyije mu bisekuru byose, ahereye mu kinyejana cya mbere ageza mu kinyejana cya makumyabiri, kandi yatubwiye ibintu byose birebana n'ibyo bisekuru. Mbere yuko aduhishurira ibiranga igisekuru cya nyuma, atwereka bwa nyuma ubumana Bwe bw'ikirenga kandi bwuzuye ubuntu. Aha ni ukwihishura Kwe ubwe gukomeye.

Uku ni ko "AMINA" avuga. Yesu ni Amina y'Imana. Yesu ni: "Bibe bityo" y'Imana. Amina bishaka kuvuga : Ni ibyo bidasubirwaho. Byemejwe. Ni isezerano ry'insinzi. Ni isezerano ridakuka. Ni ikimenyetso k'Imana.

Nifuzaga ko mwitegereza mwitonze ikigiye gukurikiraho, kandi murabona ikintu mu by'ukuri kiza kandi gitangaje. Navuze ko aha ari ukwihishura kwe ubwe ku bw'igihe cya nyuma. Umunsi w'ubuntu urangiye, ukuza kw'ingoma y'ubwami bw'imyaka igihumbi bukurikiraho bidatinze, si ko biri?

Rwose, musomere hamwe nange muri Yesaya 65: 16-19.

> *"Maze uwo munsi ushaka umugisha azawusaba Imana y'ukuri, n'uwo mu isi urahira azarahira Imana y'ukuri, kuko imibabaro yakera yibagiranye, igahishwa amaso yange.*
>
> *Dore ndarema ijuru n'isi nshya, ibya kera ntibizibukwa kandi ntibizatekerezwa.*
>
> *Ahubwo nimunezerwe muge mwishimira ibyo ndema, kuko ndema i Yerusalemu ngo mpagire ibyishimo, nkarema abantu baho bakaba umunezero.*
>
> *Nzanezererwa i Yerusalemu nishimire abantu, bange, kandi ijwi ryo kurira n'imiborogo ntibizahumvikana ukundi."*

Hano haravuga ibirebana na Yerusalemu nshya. Ni igihe k'ingoma y'imyaka igihumbi. Ariko, turebye iyo ngoma y'ubwami bw'imyaka igihumbi, nimwumve aho Imana ivugwa iyo ari yo, ku murongo wa 16:

> *"Ushaka guhererwa umugisha mu gihugu azaba ashaka kuwuhabwa n'Imana y'ukuri."*

Yego ni ukuri, ariko ubusobanuro bwiza nta bwo ari: "Imana y'ukuri". Ahubwo ni: "Imana ya AMINA". Ku bw'ibyo dusoma ibi bikurikira: "… ushaka umugisha azawuhabwa n'Imana ya AMINA, n'uwo mu isi urahira azarahira Imana ya AMINA; kuko imibabaro ya kera yibagiranye, igahishwa amaso yange. Dore ndarema ijuru rishya n'isi nshya; ibya kera ntibizibukwa kandi ntibizatekerezwa. Ahubwo nimunezerwe muge mwishimira ibyo ndema, kuko ndema i Yerusalemu ngo mpagire ibyishimo, nkarema abantu b'aho bakaba umunezero. Nzanezererwa i Yerusalemu nishimire abantu bange, kandi ijwi ryo kurira n'imiborogo ntibizahumvikana ukundi." Haleluya. Nguyu Yehova wo mu Isezerano rya Kera, "Imana ya Amina." Nguyu Yesu wo mu Isezerano Rishya, "Imana ya Amina". Umva, Isirayeli! Uwiteka, Imana yawe, ni yo Mana IMWE RUKUMBI. Ngiyi na none: Yehova wo mu Isezerano rya Kera ni Yesu wo mu Isezerano Rishya. "Umva, Isirayeli we! Uwiteka, Imana yawe ni yo Mana IMWE RUKUMBI."

Isezerano Rishya ntirihishura INDI Mana: Ni IYO MANA KANDI IMWE RUKUMBI ikomeza kwihishura. Kristo ntiyamanutse kugira ngo yimenyekanishe, ubwe, Ntiyaje kugira ngo ahishure Umwana. Yaje kugira ngo ahishure kandi amenyekanishe Data. Ntiyigeze na rimwe avuga iby'Imana ebyiri; Yavuze Imana IMWE RUKUMBI. Kandi noneho, muri iki gisekuru cya nyuma, twagarutse ku guhishurirwa nyirizina, uguhishurirwa kw'ingenzi kurusha ukundi kose ko muri Bibiliya yose ku birebana n'Ubumana, ni uko YESU ARI IMANA, WE NA DATA NI UMWE; HARIHO IMANA IMWE RUKUMBI, KANDI IZINA RYAYO NI UMWAMI YESU KRISTO.

Ni we Mana ya Amen. Ntahinduka na rimwe. Icyo akoze ntigihinduka na rimwe. Arabivuga, kandi ibyo bikaguma uko biri. Arabikora, kandi ibyo bikaba bikozwe by'iteka ryose. Nta muntu n'umwe ushobora kugira icyo akura ku cyo Avuze cyangwa ngo agire icyo acyongeraho. Bibe bityo. Amina. Bibe bityo. Mbese ntimushimishijwe no gukorera Imana nk'iyo? Mushobora kumenya neza mudashidikanya aho mugeze ku bimureba, igihe icyari cyo cyose kandi igihe cyose. Ni we Mana ya AMINA, kandi ntazahinduka

na rimwe.

"Dore uwiyita AMINA aravuga aya magambo ati:. . ."

ibyo ndabikunda. Ibyo bisobanuye ko ibyo yavuze byose ari nta kuka. Ibyo bisobanuye ko ibyo yabwiye igisekuru cya mbere, igisekuru cya kabiri, n'ibindi bisekuru, birebana n'Itorero Rye n'ibirebana n'umuzabibu w'ikinyoma ko ari ukuri kudasubirwaho, kandi ko ibyo bitazahinduka. Ibyo bisobanuye ko ibyo Yatangiye mu Itangiriro, Azabisoza mu Byahishuwe. Nta kabuza, kuko We ni Amina, BIBE BITYO. Ku bw'ibyo turabona na none impamvu Satani yanga Ibitabo ik'Itangiriro n'ik'Ibyahishuwe. Yanga ukuri. Azi ko ukuri kuzanesha. Azi iherezo rye. Ukuntu arwanya ibyo! Ariko turi ku ruhande rw'abanesha. Twebwe (ndashaka kuvuga abizera Ijambo Rye, kandi ni abo bonyine) turi ku ruhande rwa Amina.

"Dore icyo uwiyita Umugabo wo guhamya wo Kwizerwa kandi w'Ukuri avuga." Aho, nifuzaga kubereka icyo nsanga mu gitekerezo cya: "Uwo kwizerwa". Murabizi, iteka tuvuga Imana ikomeye idahinduka, Ijambo ryayo ntirihinduka. Kandi igihe tuyivuze kuri ubwo buryo, kuri twe tumufata nk'utagifite icyo yitayeho rwose. Ni nk'aho Imana yaba yararemye isi n'ibiyirimo n'amategeko yayo yose, maze hanyuma ikaba yarayitaruye igahinduka Imana ikomeye itagifite icyo yitayeho kuri ibyo. Ni nkaho Imana yaba yaraciye inzira y'agakiza ku kiremwamuntu cyazimiye, inzira y'umusaraba, maze hanyuma, igihe urupfu rwa Kristo rwakuyeho ibyaha byacu nk'impongano, kandi umuzuko We ukaba waradukinguriye irembo rigana kuri We, Imana iripfumbata igaterera agati mu ryinyo maze ikisubirira inyuma ikarebera ibyo. Ni nkaho twaba twinjiye mu gitekerezo cy'Umuremyi Ukomeye, uwo, nyuma yo kurema, yaba yaratagifite inyungu iyo ari yo yose Ye bwite ku biremwa Bye. Ndavuga rwose ko aho ni cyo abantu benshi baba bashaka gutekerezaho. Nyamara ni igitekerezo gipfuye, kuko IMANA IRIMO KUYOBORA IBY'ABANTU BAKORA NDETSE NO MURI IKI GIHE. ICYARIMWE NI WE MUREMYI WACU AKABA ARI NA WE UDUKOMEZA.

Abakolosayi 1: 16-17:

"Kuko muri we ari mo byose byaremewe, ari ibyo mu ijuru cyangwa ibyo mu isi, ibiboneka n'ibitaboneka, intebe z'ubwami n'ubwami bwose, n'ubutware bwose n'ubushobozi bwose. Ni we wabiremye byose kandi rero ni na we byaremewe.

Yabanjirije byose kandi byose bibeshwaho na we."

Ni Imana yigenga. Mu buyobozi bwayo, yashyizeho inzira y'agakiza ku ntore zayo bwite yabanje kumenya mbere. Umwana wayo yapfiriye ku musaraba kugira ngo atange uburyo bw'agakiza, kandi Umwuka Wera akora ku buryo butunganye ubushake bwa Data. Ubu Arimo gukora ibintu byose bijyanye n'umuteguro w'ubushake Bwe bwite. Ari rwagati muri byose. Ari hagati mu itorero Rye. Uwo muremyi ukomeye, iyo Mana - y'Umukiza, ubu Irakorera mu bayo ku buryo bwo kwizerwa, Yo, Umushumba mukuru w'intama. Ukubaho Kwe ndetse abereyeho abe. Arabakunda kandi akabitaho. Ijisho Rye igihe cyose aribahozaho.

Igihe Ijambo rivuga ko "ubungo bwanyu buhishanywe na Kristo mu Mana", rishatse kuvuga neza neza icyo rivuga. Yoo! Nejejwe cyane nuko Imana yange ibihe byose ihora ari iyo kwizerwa. Ni indahemuka ubwayo, ntizabeshya na gato. Ni iyo kwizerwa kuri Yo ubwayo, ntizabeshya. Ni iyo kwizerwa ku Ijambo ryayo, Izarishyigikira. Ni iyo kwizerwa kuri twe, ntizabura n'umwe muri twe, ahubwo izatuzura ku munsi w'imperuka. Nejejwe no kuruhukira mu budahemuka Bwayo.

Abafilipi1:6:

"Icyo nzi neza rwose ntashidikanya, ni uko iyatangiye umurimo mwiza muri mwe izawurangiza rwose, kugeza ku umunsi wa Yesu Kristo."

"Ni Umugabo wo guhamya W'ukuri."

Iri jambo "W'ukuri", twararibonye mu Byahishuwe 3:7, muribuka ko ridasobanura "ufite ukuri" ikinyuranyo cya "umunyabinyoma". Rifite igisobanuro gisobanuye byinshi kandi kimbitse kurushaho. Rigaragaza icyakozwe cyuzuye, bitandukanye n'icyakozwe k'igice. Nyamara, mu gisekuru cya Filadelifiya, Ukuza kw'Umwami kwari kwegereje. Mbega urukundo rukomeye iki gisekuru cyamugaragarije!

Ibyo binyibutsa aya magambo meza yo muri.1Petero 1:8:

"Uwo mumukunda mutaramubona, kandi nubwo none mutamureba muramwizera, ni cyo gituma mwishima ibyishimo byiza bitavugwa."

Natwe tunezeranywe na bo. Ntitwamubonye, ariko twamwumvise muri twe. Ubu, tumuzi ku kigero aho imyumvire yacu ifite aho igarukira ibitubashisha. Ariko umunsi umwe, bizaba ari imbona nkubone. Ibyo ni iby'iki gisekuru. Azaza ku iherezo ry'iki gisekuru. Igikorwa k'igice kizahinduka IGIKORWA CYUZUYE, IGIKORWA GISHOJWE. Haleluya! Twarebeye mu ndorerwamo, ku buryo butagaragara neza, ariko bidatinze tuzamureba amaso ku maso. Twigiye imbere tuva mu bwiza tujya mu bundi, ariko bidatinze tuzaba turi mu Bwiza; KANDI MU BWIZA BWE TUZARABAGIRANA. TUZASA NA WE, TUZASA NA WE KU BURYO

BUTANGAJE, YESU, IMANA UMUKIZA WACU! Mbese ntibitangaje bihebuje? Muri We turashyitse. Ibyo ni iby'ukuri. Ntiyajyaga kutubeshya kuri ibyo. Ariko umunsi umwe, tuzahindurwa kugeza ku kagirangingo gato bishoboka fatizo. Tuzambikwa kudapfa. Tuzamirwa wese mu bugingo. Icyo gihe TUZABONA ICYAKOZWE.

"Ni Umugabo wo guhamya Wo kwizerwa kandi W'ukuri."

Mureke dutekereze noneho kuri iri jambo: "umugabo wo guhamya". Rwose, iryo jambo ni ryo rikomokaho irya "abahowe Imana". Bibiliya ivuga Sitefano, Antipa n'abandi nk'abantu bahowe Imana. Babaye abantu bahowe Imana. Na none babaye abagabo bo guhamya. Yesu yabaye umuntu wahowe Imana wo kwizerwa. Umwuka Wera yarabihamije. Umwuka arabihamya. Isi yangaga Yesu. Yaramwishe. Ariko Imana yaramukunze, kandi yagiye kwa Data. Igihamya cy'uko yagiye kwa Data, ni uko Umwuka Wera yaje. Iyo Data aza kuba atarakiriye Yesu, Umwuka ntiyajyaga kuza.

Nimubisome muri Yohana 16:7-11:

Ariko ndababwira ukuri yuko ikizagira icyo kibamarira ari uko ngenda, kuko nintagenda Umufasha atazaza aho muri, ariko ningenda nzamubohereereza.

Ubwo azaza azatsinda ab'isi, abemeze iby'icyaha n'ibyo gukiranuka n'iby'amateka;

iby'icyaha, kuko batanyizeye,

n'ibyo gukiranuka kuko njya kwa Data, kandi namwe muzaba mutakimbona,

n'iby'amateka kuko umutware w'ab'iyi si aciriweho iteka.

Kuba Umwuka Wera ari, muri iyi si, mu kimbo cya Yesu, bigaragaza ko Yesu yari umunyakuri, kandi ko yagiye kwa Data.

Ariko na none muri Yohana: 14:8 haravuga hati:

"Sinzabasiga nk'IMFUBYI, Nzaza aho muri."

Yohereje Umufasha. YARI UMUFASHA. Yagarutse mu buryo bw'UMWUKA ku Itorero ry'ukuri. Ni UMUGABO WOGUHAMYA wo kwizerwa kandi W'ukuri hagati mu Itorero. Ariko umunsi umwe, azagaruka yambaye umubiri. Icyo gihe, Azagaragaza Umwami umwe w'ikirenga uwo ari We - ni We, Yesu Kristo, Umwami w'icyubahiro.

Umugabo wo guhamya Wo kwizerwa kandi W'ukuri, Umuremyi wacu, Imbaraga yacu idukomeza, Igikorwa cyuzuye, Amen w'Imana.

Yoo! Uburyo mukunda, uburyo muramya, Yesu Umwana w'Imana.

Nifuzaga gusoreza ibitekerezo byange kuri iki gice k'indamutso nifashishije aya magambo yo muba

Abakorinto 1: 18-22:

"Ahubwo nk'uko Imana ari iyo kwizerwa, ni ko n'Ijambo tubabwira atari "yee", maze kandi ngo "oya",

kuko Umwana w'Imana Yesu Kristo, uwo twababwirije ibye ngewe na Siluwano na Timoteyo atari: "Yee" kandi ngo abe "oya" ahubwo muri we harimo "yee" gusa.

Ibyo Imana yasezeranije byose, muri we ni mo "yee" iri. Ni cyo gituma ari we udutera kuvuga ngo Amina ngo Imana ihimbazwe natwe.

Imana ni yo idukomezanya namwe muri Kristo kandi ni yo yadusize.

Ni yo yadushyizeho ikimenyetso, iduha Umwuka wayo mu mitima yacu ho ingwate".

"Inkomoko y'iby'Imana yaremye."

Nguwo Yesu avuga ko ari We. Gusa, aya magambo ntafite insobanuro neza neza twatekereza ko afite. Mu gufata aya magambo rwose utayasobanukiwe, bamwe (abantu benshi cyane, mu by'ukuri) batekereza ko Yesu yabaye ikiremwa cya mbere mu byaremwe n'Imana, ibyo byamuhindura uciye bugufi ku byerekeye Ubumana. Na none, icyo cyaremwe cyabanje cyaba cyararemye ibyaremwe byose bisigaye. Ariko nta bwo ari iby'ukuri. Muzi neza ko ibyo bidahura n'igice gisigaye cya Bibiliya. Ayo magambo ashatse kuvuga ko: "ARI WE UBANZA, cyangwa UWAREMYE ibiremwa by'Imana. Tuzi rero tudashidikanya ko Yesu ari we Mana, Imana ubwayo. Ni we muremyi.

Yohana 1:3:

Ibintu byose ni we wabiremye, ndetse mu byaremwe byose nta na kimwe kitaremwe na we.

Ni We uvugwa mu Itangiriro 1:1 ahagira hati:

"Mbere na mbere, Imana yaremye Ijuru n'isi"

Na none mu Kuva 20:11 haravuga hati:

"Kuko iminsi itandatu ari yo Uwiteka Imana yaremeyemo ijuru n'isi n'inyanja n'ibirimo byose, akaruhukira ku wa karindwi".

Murabona, nta gushidikanya na kumwe guhari ko ari Umuremyi. Yari umuremyi W'IBYAREMWE BIFATIKA BIRANGIYE BIDASUBIRWAHO.

Turabona noneho rwose icyo ayo magambo asobanuye. Iyindi nsobanuro yose yaba isobanura ko Imana yaba yararemye Imana. Ni buryo ki Imana ibasha kuremwa, mu gihe yo ubwayo ari yo Muremyi?

Ariko ubu ahagaze hagati mu Itorero. Mu gihe ahagaze aho, ahishura uwo ari We muri iki gisekuru cya nyuma. Avuga We ubwe ko ari: "Inkomoko y'ibiremwa by'Imana". Aha ni UKUNDI KUREMA. Hano haravugwa Itorero. Ni ubundi buryo budasanzwe afite bwo kwiyita. Ni UMUREMYI w'iryo torero. Umukwe wo mu Ijuru yiremeye umugeni We bwite. Mu ishusho y'Umwuka w'Imana, yaramanutse aremera mu mwari Mariya ingirangingo zifite ishusho y'umubiri We. Reka nsubiremo ibi: Yaremye ingirangingo rwose zifite ishusho y'uwo mubiri mu nda ya Mariya. Ntibyari bihagije ko Umwuka Wera ahe gusa ubuzima intanga ngore ya kimuntu yatanzwe na Mariya. Uwo wajyaga kuba ari umubiri wabyawe n'inyokomuntu yakoze icyaha. Ibyo ntibyajyaga kubyara "Adamu wa nyuma". Byari byaramuvuzweho ngo: "(Data,) Wandemeye umubiri." Ni Imana (nta bwo ari Mariya) waremye uwo mubiri. Mariya yari umuntu watwise iyo nda yatwaye inda y'uwo Mwana Wera kandi ni we wamubyaye. Yari Umuntu- akaba n'Imana. Yari Umwana w'Imana yari uwo mu irema RISHYA. Umuntu n'Imana bari bahuye kandi baba umwe; yari uwa mbere muri ubwo bwoko bushya bw'ibyaremwe. Ni we mutwe w'ubwo bwoko bushya.

Abakolosayi 1:18:

Ni we mutwe w'umubiri, ni we torero kandi ni we tangiriro, ni imfura yo kuzuka mu bapfuye, kugira ngo abe uwa mbere uhebuje byose".

Abakorinto5:17:

Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya.

Ku bw'ibyo, murabona ko umuntu, nubwo yaba ari uwa GAHUNDA YA KERA, cyangwa uwo mu iremwa rya kera, aba ahindutse noneho, ku bwo kuba UMWE NA KRISTO, IREMA RISHYA ry'Imana.

Abefeso 2:10:

"kuko turi abo yaremye ituremeye imirimo myiza MURI KRISTO YESU,"

Abefeso 4:24:

"Mukambara UMUNTU MUSHYA waremewe ibyo gukiranuka no kwera bizanywe n'ukuri."

Icyo Cyaremwe Gishya nta bwo ari icyaremwe cya kera kiba cyaravuguruwe ngo gihindurwe gishya, kuko icyo gihe nticyabasha kwitwa icyaremwe gishya. Neza neza kiri uko kivugwa ko kiri: "ICYAREMWE GISHYA". Ni ikindi cyaremwe, gitandukanye n'icya kera. Nticyongera gukara kiyobowe n'umubiri. Isirayeli ni yo yakoranaga na Yo ityo. Yatoranije Aburahamu, kandi ni agace gakomoka mu rubyaro rwa Aburahamu, Inyuriye mu nyoko yera ikomoka kuri Isaka.

Ariko noneho Yiremeye ibiremwa bishya ibikuye mu moko yose, imiryango n'amahanga yose. Ni we mfura muri ibyo byaremwe.Yari Imana, yaremwe mu ishusho y'umuntu. Noneho, ku bw'Umwuka We, yiremeye ubwe Abana batabarika. Imana, umuremyi, irirema ubwayo nk'igice k'ibyaremwe byayo. Nguko uguhishurirwa nyakuri guturuka ku Mana. Aho ni byari umuteguro wayo. Uwo mugambi Wayo washohojwe mu gutoranya. Ngiyo impamvu yarashoboraga kurebesha ijisho ryayo Ikageza ku gisekuru cya nyuma, igihe byose byajyaga kuba birangiye, kandi Ikibona na none hagati mu Itorero, nk'Inkomoko y'ibyo biremwa bishya by'Imana. Ibyo byose byasohojwe n'imbaraga zayo bwite. Mu butware bwayo, yatoranije abagize ibyo byaremwe bishya.

Yabatoranirije kera kuzahindurwa abana bayo, nk'uko ikifuzo kiza cy'ubushake bwayo kiri. Ibyo ibisohoresha ukumenya byose kwayo no gushobora byose kwayo. Iyo bitaba ibyo, ni buryo ki Yajyaga kubasha kumenya ko Yajyaga guhagarara hagati mu Itorero, Agahabwa ikuzo na bene Se, iyo Aza kuba atarakoze We ubwe ibyo yagombaga gukora? Yari azi byose, kandi yashohoje byose akurikije ibyo Yari

Azi, kugira ngo Agaragaze umugambi We n' ugushaka Kwe kwiza.

Abefeso1: 11,

Ku bw'uwo natwe twarazwe umurage tubitoranirijwe kera nk'uko Imana yabigambiriye, ikora byose nk'uko ibishaka mu mutima wayo

Haleluya! Mbese ntimunejejwe no kuba muri abe?

UBUTUMWA BUGENEWE IGISEKURU CYA LAWODIKIYA

Ibyahishuwe 3:15-19:

"Nzi imirimo yawe, nzi yuko udakonje kandi ntubire. Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize!

Nuko rero ubwo uri akazuyazi, ngiye kukuruka.

Kuko uvuga uti: "Ndi umukire, ndatunze kandi ndatunganiwe nta cyo nkennye", utazi yuko uri umutindi wo kubabarirwa, kandi uri umukene n'impumyi ndetse wambaye ubusa.

Dore ndakugira inama: ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda ubone uko uba umutunzi, kandi ungureho imyenda yera kugira ngo wambare isoni z'ubwambure bwawe zitagaragara, kandi ungureho umuti wo gusiga ku maso yawe kugira ngo uhumuke.

Abo nkunda ndabacyaha nkabahana ibihano. Nuko rero gira umwete wihane."

Nyuma yo gusomera hamwe aka gace k'Ibyanditswe, Nzi neza ko mwabonye ko Umwuka nta kintu na kimwe ashima iki gisekuru. Akirega ibintu bibiri, kandi akagishyiraho urubanza.

(1)"Ibyahishuwe 3:15-16:

Nzi imirimo yawe, nzi yuko udakonje kandi ntubire. Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize! Nuko rero kuko uri akazuyazi, udakonje ntubire ngiye kukuruka."

Tugiye kugenzura ibi twitonze. Havuzwe ko iryo tsinda ry'abo mu gisekuru k'Itorero rya Lawodikiya ari akazuyazi. Uko kuba akazuyazi guhanishwa igihano k'Imana. Igihano, ni uko izabaruka. Aha, turasabwa kwitonda kugira ngo tutayoba, nk'uko byabaye ku bantu benshi. Abo bemeza ibintu bidafite ishingiro bavuga ko Imana ishobora kuturuka, kandi ko ibyo byerekana ko inyigisho yo kudacogora kw'Abera atari ukuri.

Ndashaka guhita nkosora iryo kosa ry'imitekerereze. Uyu murongo ntubwira umuntu ku giti ke. Urabwira Itorero. Imana irabwira Itorero. Ikindi kandi, niba mufashe ijambo, murasanga ko nta hantu na hamwe havuga ko turi mu KANWA k'Imana. Duhora turi mu biganza Bye. Twarajyanywe dushyirwa mu gituza ke. Uhereye kera cyane mu bihe bitibukwa, mbere y'ibihe, twari turi mu bitekerezo Bye. Turi mu rugo Rwe rw'intama, no mu rwuri Rwe, ariko ntituri mu kanwa Ke na rimwe. Ariko se ni iki kiri mu kanwa k'Umwami? Ni Ijambo riri mu kanwa Ke.

Matayo 4:4:

"Yesu arasubiza ati: Handitswe ngo: Umuntu ntatungwa n'umutsima gusa ahubwo atungwa n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana."

Natwe Ijambo rigomba kuba mu kanwa kacu. Nyamara, tuzi ko Itorero ari umubiri We. Aha, rijya mu mwanya We. Ni iki kizaba kiri mu kanwa k'Itorero? IJAMBO.

Petero 4:11:

"Umuntu navuga avuge nk'ubwirijwe (Ijambo) n'Imana.

Petero1;21:

"Kuko ari nta buhanuzi bwazanywe n'ubushake bw'umuntu, ahubwo abantu b'Imana bavugaga ibyavaga ku Mana bashorewe n'Umwuka Wera.

None, ni iki kitagenda kuri aba bantu b'umunsi wa nyuma ? BAGIYE KURE Y'IJAMBO. NTIBAKIRIFITIYE INYOTA. NI AKAZUYAZI MU MASO YAYO. Ngiye guhita mbibagaragariza.

Ababatisita bafite inyigisho zabo bizera n'amahame yabo, bashingira ku Ijambo, kandi ntibabireka. Bavuga ko igihe k'ibitangaza by'intumwa cyarangiye kandi ko nta mubatizo w'Umwuka Wera ubaho nyuma yo kwizera. Abametodisiti bavuga (bashingiye ku Ijambo) ko nta mubatizo w'amazi ubaho (gusukwaho amazi atari umubatizo) kandi ko umubatizo w'Umwuka Wera, ari ukwezwa. Itorero rya Kristo rishyigikira umubatizo wo kubyarwa ubwa kabiri, kandi akenshi, igihe bagiye mu mazi, baba ari abanyabyaha

bumagaye, kandi iyo bayavuyemo, baba ari abanyabyaha batose. Kandi nyamara, usanga bavuga ko inyigisho yabo ishingiye ku Ijambo. Nimukomeze mugere ku iherezo ry'iyo nyoko, ku bapantekote: Bafite Ijambo? Nimubashyire ku munzani w'Ijambo, maze murebe. Hafi buri munsi Ijambo barisimbuza ibyiyumvo. Niba mushobora kugira ukwigaragaza nk'amavuta, amaraso, indimi n'ibindi bimenyetso, byaba ari insobanuro y'ukuri y'Ijambo cyangwa atari yo, abenshi muri bo bazabikurikira. Ariko se ibyerekeye Ijambo byo bimeze?

Ijambo ryashyizwe ku ruhande, kandi ni yo mpamvu Imana ivuga iti : "Mwese Sinemeranya namwe. Nzabaruka muve mu kanwa Kange. Birarangiye. Mu gihe cyose k'ibisekuru birindwi, nta kindi Nabonye usibye gusa abantu bashyira ijagambo ryabo bwite hejuru y'iryange. Ni yo mpamvu ku iherezo ry'iki gisekuru, mbaruka mukava mu kanwa Kange. Birarangiye. Noneho, ku buryo budasubirwaho, ngiye kuvuga. Ni byo, Ndi hano hagati mu Itorero. Amen w'Imana, Umugabo Wo kwizerwa kandi W'ukuri, Agiye kwihishura, kandi IBYO BIZA BINYURIYE MU MUHANUZI WANGE. Yoo! Ni byo, ku buryo budasubirwaho.

Ibyahishuwe 10 :7:

> *"Ahubwo mu minsi y'ijwi rya marayika wa karindwi, ubwo azatangira kuvuza impanda, ni ho ubwiru bw'Imana buzaba busohoye, nk'uko yabwiye imbata zayo ari bo bahanuzi."*

Rwose ni ibyo. Yohereza umuhanuzi uhamirijwe. Yohereza umuhanuzi nyuma y'aho imyaka ibihumbi bibiri ibura igihe gito ngo igere. Yohereza umuntu uri kure cyane y'amashyirahamwe ya kidini, y'ubumenyi bw'amashuri, n'isi ya kidini, nk'uko mu bihe bya kera Yohana Umubatiza na Eliya bari bameze, ku buryo azumvira Imana yonyine, kandi akazaba afite : "Uku ni ko Uwami Avuze", kandi azavuga ibiturutse ku Mana. Azaba ari umuntu utwaye Ijambo ry'Imana avuga mu ruhande rwayo, kandi, NK'UKO MALAKI 4 :6 IBIHAMYA, AZAGARURA IMITIMA Y'ABANA KU YA BASE. Azagarura intore z'Umunsi wa nyuma, kandi bazumva umuhanuzi uhamirijwe, abwiriza ukuri uko kuri, nk'uko Pawulo yabikoraga. Azagarura ukuri nk'uko bo bari bagufite. Kandi intore zizaba ziri kumwe na we kuri uwo munsi abo ni bo bazagaragaza by'ukuri Umwami, kandi bazaba ari Umubiri We, bazaba ari jwi Rye, kandi bazakora imirimo Ye. Haleluya! Mbese ibyo murabyumva?

Igenzura ryihuse ku mateka y'Itorero rizatwereka uburyo tumaze kugaragaza ko ari ko biri neza neza. Mu gisekuru cy'umwijima, abantu basaga n'abanyazwe Ijambo burundu. Ariko Imana yohereje Luther aza azanye IJAMBO. Icyo gihe abari bari mu ruhande rwa Luther bavuze bari mu ruhande rw'Imana bavuga ibituruka kuri Yo. Ariko bahindutse idini kandi, na none, Ijambo ritavangiye ryarabuze, kuko idini rishyira imbere amahame n'inyigisho zaryo, aho kwita ku Ijambo nyirizina. Ntibajyaga kongera kubasha kuvuga ibiturutse ku Mana. Icyo gihe, Imana yohereje Wesley, ni we wabaye ijwi ritwaye Ijambo ry'igihe ke. Abemeye uguhishurirwa yari yahawe n'Imana bahindutse inzandiko nzima, zisomwa kandi zimenywa n'abantu bose bo mu gihe cyabo. Igihe Abametodisiti baguye, Imana yahagurukije abandi, kandi ibyo byagiye bikomeza bityo igihe k'imyaka myinshi, kugeza kuri uyu munsi wa nyuma, aho hongeye kuboneka ubwoko mu gihugu, na bwo, buyobowe n'intumwa yabwo, uwo azaba ari ijwi rya nyuma ry'igisekuru cya nyuma.

Ni byo mugenzi wange. Itorero ntirikiri Itorero ritwaye Ijambo ry'Imana ngo ririvugire, ubwaryo ririvugira ryonyine. Na none, Imana Irahindukira ikarirwanya. Izaryambika ubusa Ikoresheje umuhanuzi, n'umugeni, kuko ijwi ry'Imana rizaba riri muri we. Ni byo, riri muri we, kuko bivugwa mu gice cya nyuma k'Ibyahishuwe, ku murongo wa 17 ngo:

> *"Umwuka n'umugeni baravuga bati: Ngwino."*

Indi nshuro na none, isi izongera kumva ibiturutse ku Mana ku buryo butaziguye, nko kuri Pentekote; ariko biragaragara ko, kimwe no mu gisekuru cya mbere, uwo Mugeni-Jambo azongera ashyirwe ku ruhande.

Ku bw'ibyo yararanguruye n'Ijwi rirenga Abwira iki gisekuru cya nyuma Ati: "Mufite Ijambo. Mufite za Bibiliya kurusha ibihe byose byigeze kubaho, ariko Ijambo nta kindi murikoresha usibye kuricagagura, mukaricamo ibice, mukifatiramo ibibabereye, kandi ibyo mudashaka mukabireka. Ikibashishikaje si UKUGIRA IMIBEREHO yaryo, ahubwo ni ukurijyaho impaka. Nifuzaga ko bibaye byiza mwaba mukonje cyangwa se mubize. Iyaba mwari mukonje, kandi mukarireka, najyaga kubyihanganira. Iyaba mwagurumanishwaga no kumenya ukuri kw'Ijambo no kugira imibereho yaryo, najyaga kubashima ku bw'ibyo. Ariko igihe mushishikazwa no gufata Ijambo ryange, nta kuryubaha, icyo gihe Nange ngomba gusubiza nkanga ko mwubahwa. Nzabaruka, kuko mutuma umutima uzinukwa."

Nyamara, buri wese azi ko amazi y'akazuyazi ari yo atera iseseme. Niba mushaka gutuma umuntu aruka, kimwe mu bintu by'ingenzi wamuha, ni amazi y'akazuyazi. Itorero, ku bwo kuba akazuyazi kwaryo, ryateye iseseme Imana, kandi Yavuze ko Izariruka. Rwose ibyo bitwibutsa umutima Yari Ifite mbere y'umwuzure, si ko biri?

Yoo! Iyaba gusa Itorero ryari rikonje cyangwa ribize! Ibyajyaga kuba byiza ni uko ryari kuba

rigurumana umuriro (ribize). Ariko si ko rimeze. Urubanza rwaraciwe. Ntirikiri ijwi ry'Imana ku isi. Rivuga rishimangira ko ari ryo, ariko Imana Ikavuga ko atari ryo.

Yoo ! Imana iracyafite ijwi ku bantu bari mu isi, kimwe n'uko Yahaye ijwi umugeni. Iryo jwi riri mu mugeni, nk'uko twabivuze kandi nk'uko tuzongera kubivuga ku buryo burambuye nyuma y'aho.

(2)Ibyahishuwe3.17-18 :

> *"Kuko uvuga uti : 'Ndi umukire, ndatunze kandi ndatunganiwe nta cyo nkennye, utazi yuko uri umutindi wo kubabarirwa, kandi uri umukene n'impumyi ndetse wambaye ubusa.*
>
> *Dore ndakugira inama ngo ungureho izahabu yatunganyirijwe mu ruganda ubone uko uba umutunzi, kandi ungureho n'imyenda yera kugira ngo wambare isoni z'ubwambure bwawe zitagaragara, kandi ungureho umuti wo gusiga ku maso yawe kugira ngo uhumuke."*

Nimwitegereze noneho igice cya mbere cy'uyu murongo: "Kuko uvuga uti : " Murabibona, baravugaga. Bavugaga batekereza ko ari bo batwaye Ijambo ry'Imana bayivugira. Ibi bigaragaza neza neza ibyo navugaga ku byerekeye insobanuro y'umurongo wa 16 n'uwa 17. Ariko si ukubera ko babivuga ko ibyo ari iby'ukuri. Kiliziya gatolika ivuga ko iri mu ruhande rw'Imana, ivuga ko mu by'ukuri ari ryo jwi ry'Umwami. Ni buryo ki abantu bashobora kuba inkozi z'ibibi kuri urwo rwego mu buryo bw'umwuka, ibyo birandenga, ariko nzi ko bera imbuto zikurikije imbuto iri muri bo, kandi tuzi aho iyo mbuto ituruka, si ko biri?

Itorero rya Lawodikiya riravuga riti : "Ndi umukire, ndatunze ndatunganiwe, nta cyo nkennye." Aho cyari cyo gitekerezo cyaryo. Ryarirebye, kandi ngicyo icyo ryabonye. Ryaravuze riti : "Ndi umukire", bishatse kuvuga ko rikize ku bintu by'iyi si.

Ririrata, kandi ibyo batitaye ku Ijambo ryo muri Yakobo 2 :5-7 rivuga riti :

> *"Nimwumve bene Data bakundwa, mbese Imana ntiyatoranyije abakene b'iby'iyi si ngo abe ari bo baba abatunzi mu byo kwizera, baragwe ubwami yasezeranije abayikunda?*
>
> *Ariko dore mwebweho mwasuzuguye umukene. Mbese ye, abatunzi si bo babatwaza igitugu, bakababakurubanira mu nkiko ?*
>
> *Si bo batuka rya Zina ryiza mwitirirwa?"*

Nyamara, NTA BWO mvuze ko umuntu w'umukire adashobora kuba umunyamwuka, ariko tuzi twese ko Ijambo rivuga ko hari abakire bake b'abanyamwuka. Abakene ni bo benshi bari mu mubiri w'Itorero nyakuri. Ku bw'ibyo, niba Itorero ryibyimbya ku bw'ubutunzi, tuzi ikintu kimwe, ni uko ijambo: "i Kabodi" ryanditswe ku marembo yaryo! Nta bwo mwabihakana, kuko ari Ijambo.

Muravuga ibyerekeye ubukire bw'Itorero! Ntihigeze habaho na rimwe ukugaragara k'ubutunzi nk'ubwo. Insengero nziza z'ibitangaza ni nyinshi cyane kurusha ibindi bihe byigeze kubaho. Amatsinda ya kidini anyuranye ararushanwa mu kubaka ibikomeye, byiza. Kandi bubaka n'ibigo byo kwigiramo bitwara amamiliyoni, inyubako zikoreshwa isaha imwe gusa cyangwa abiri mu cyumweru. Ibyo si byo biteye ubwoba cyane ubwabyo, ahubwo ni uko bumva ko igihe gito abana bamara muri ibyo bigo bigishirizwamo cyasimbura amasaha yo kwigishwa ubumenyi bwakagombye gutangirwa mu rugo.

Amafaranga yabaye menshi mu Itorero ku buryo amadini menshi asigaye afite imigabane, n'impapuro mvujwafaranga z'imitungo yunguka, mu nganda, mu mariba y'ubucukuzi bwa peteroli no mu masosiyeti y'ubwishingizi. Bashyize amafaranga atabarika mu masanduku y'ubwiteganyirize, no mu masanduku y'izabukuru. Ibyo byose rwose nta bwo bigaragara ko ari bibi, ariko byabaye umutego ku bashumba, kuko niba bafashe ikemezo cyo kuva mu itsinda bari barimo ku bw'urukundo rw'Imana cyangwa ku bwo kwakira umucyo uruta uwo bari bafite, babura amafaranga yabo y'ubwiteganyirize. Benshi ntibihanganira icyo gitekerezo cyo gusohoka, kandi baguma mu matsinda yabo ku bw'agahato.

None, ntimwibagirwe ko iki gisekuru ari cyo cya nyuma. Tuzi ko ari cyo cya nyuma, kubera ko Isirayeli yasubiye muri Palestina. Niba twizera ko Agarutse mu by'ukuri, icyo gihe nta gushidikanya ko ikintu runaka kitagenda ku bubaka ibintu bikomeye cyane kuri urwo rwego. Ibyo bituma watekereza ko abo bantu bateganya kuguma hano ku isi iteka ryose, cyangwa bakaba batekereza ko Ukuza kwa Yesu kuzabaho nko mu myaka amajana.

Muzi ko idini uyu munsi ryahindutse inzira ikomeye yo kubona amafaranga? Rwose bashyira mu Matorero abayobozi bashinzwe iby'ubucuruzi kugira ngo bite ku bijyanye n'amafaranga. Ese ibyo ni byo Imana ishaka? Ijambo ryayo ntiritwigisha mu gitabo k'Ibyakozwe n'Intumwa ko abagabo barindwi, buzuye Umwuka Wera bafite ukwizera, bakoreraga Umwami mu bijyanye n'amafaranga? Murabona impamvu mu by'ukuri Imana ivuga iti: "MWEBWE muvuga ko muri abakire ; nta bwo ari nge wabivuze."

Hari ibiganiro bica kuri radiyo, kuri televiziyo, n'umurundo w'ibigo by'ubucuruzi by'Itorero bitwara

amamiliyoni n'amiliyoni y'amadolari. Ubutunzi burisuka mu Itorero, umubare w'abayoboke na wo ukiyongera cyo kimwe n'amafaranga, kandi nyamara umurimo ntukorwe nk'uko wakorwaga mbere, igihe amafaranga atari ahari ahubwo icyo gihe abantu babaga bishingikirije gusa ku bushobozi babaga bahawe n'Umwuka Wera.

Bishyura imishahara abavugabutumwa, bishyura imishahara ababungirije, bakishyura imishahara abashinzwe muzika n'abatanga inyigisho, bishyura imshahara za korali, bishyura abarinzi, bishyura za gahunda, imyidagaduro-ibyo bintu byose bitwara umubare utabarika w'amafaranga, ariko ibyo byose nubwo bimeze bityo, imbaraga iranga ikagabanuka. Ni byo, Itorero rirakize, ariko imbaraga ntayihari. Imana ikoresha Umwuka wayo, nta bwo Ikora ku bw'amafaranga cyangwa impano z'ingabire ziri mu Itorero.

Noneho ndashaka kubereka ukuntu iyo nyota y'amafaranga yahindutse ikomoka kuri Satani. Amatorero akoresha imbaraga nyinshi bikabije kugira ngo babone abayoboke bashya, by'umwihariko mu bakize. Ahantu hose usanga hari ijambo ngenderwaho ryo guhindura idini irishimishije kandi rikurura abantu, ku buryo rikurura abari mu nzego z'abakire n'abize n'abantu bose bose bafite icyubahiro k'isi, no kubatera umwete wo kuboneka buri gihe mu Itorero. Ntibashobora kumva ko niba igisabwa mu by'Umwuka, ari ubutunzi, icyo gihe ubu isi yaba ifite Imana, ubu yaba ifite Imana ku buryo bwuzuye, kandi Itorero nta yo rifite?

« Uravuga uti :'Ndatunze ndatunganiwe"

ibyo bishatse kuvuga ko, mu by'ukuri ko: Mfite ubutunzi mu by'Umwuka." Ibyo birasa n'igihe cy'Ubwami bw'imyaka igihumbi, n'imihanda yabwo isizwe zahabu ndetse n'ukugarara kw'Imana iri aho. Ariko ndibaza mu by'ukuri niba ariko bimeze. Itorero mu by'ukuri rikize ku bintu by'Umwuka bituruka ku Mana? Reka tugenzuze umucyo w'Ijambo ibyo bintu bivugwa na Lawodikiya yacu yo muri iki kinyejana cya makumyabiri.

Iyaba mu by'ukuri Itorero ryari rikize mu by'Umwuka, imbaraga yarivamo yakumvikana mu mibereho y'abantu batuye isi. Ariko se ni bwoko ki bw'imibereho abo bantu bakagombye gukomokwaho n'iyo mbaraga bafite, biyita abanyamwuka, mu by'ukuri? Mu nkengero z'imugi ahatuwe n'abantu nyamwinshi, imidugudu y'imisirimu kurusha iyindi, usanga hari ibintu bikabije byo kugurana abo babana nk'inshuti hagati y'abashakanye, ibintu by'ubusambanyi, ibintu by'ubusahuzi bikorwa n'udutsiko tw'inzererezi z'urubyiruko rwangiza rukinjira mu mihana maze rukahateza ibihombo biteye ubwoba. Ibintu byo kwiyandarika bigeze ku rwego bitigeze bigeraho mu bikorwa by'ubusambanyi byo kononekara, ibiyobyabwenge, imikino y'urusimbi, ubujura, n'ibibi by'ubwoko bwose. Kandi Itorero rikomeje kwirata iki gisekuru, amatorero rwose yuzuye abantu, ndetse n'inyungu abaturage b'abirabura bagaragaza mu ngendo zabo z'ivugabutumwa. Itorero ryazibukiriye abantu ribarekera abaganga, cyane cyane abita ku bibazo byo mu mutwe. Ni buryo ki ryabasha kwirata ko rikize mu buryo bw'Umwuka, ngibyo ibindenga. Nta bwo ari iby'ukuri. Baratindihaye nta cyo bafite, ariko ntibabizi.

Murebe rwose hafi aho yanyu. Mwitegereze abahisi n'abagenzi. Mu kivunge cy'abantu mubona, mubasha kubonamo abagaragara nk'abakristo? Mwitegereze uburyo bwabo bw'imyambarire, mwitegereze ibikorwa byabo, mubumve bavuga, murebe aho bagenda. Nta gushidikanya ko hagomba kuba hari ikimenyetso kigaragara cyo kubyarwa ubwa kabiri mu bantu bose tubona bahita. Ariko ukuntu abo bantu ari ingume. Nyamara kandi, uyu munsi, Amatorero y'imikonjera ashingiye ku mahame gusa atubwira ko afite za miliyoni z'abayoboke bakijijwe, ndetse ko buzuye Umwuka Wera. Buzuye Umwuka Wera? Umuntu yabasha kuvuga ko abagore buzuye Umwuka Wera mu gihe batembera n'imisatsi migufi yogoshwe kandi yose idefurije, mu dukabutura, mu mapantaro, muri kola n'umugongo uri hanze, hose bisize amarangi kimwe naYezebeli? Niba abo bambaye neza bikwije, nk'uko abakristukazi bakwiriye kuba bameze, ndibaza ikintu giteye ubwoba naba mbonye ndamutse maze kubona ikintu kigaragara cyo kwambara mahenure.

Rwose nzi neza ko atari abagore bahimba umuderi. Ni Hollywood. Ariko nimwunve neza, abadamu: baracyacuruza imyenda y'ibitambaro ku metero n'imashini zidoda. Si ngombwa ko mugura ibiri mu mangazini, maze hanyuma ngo mukoreshe ibyo nk'urwitwazo. Aha ndababwira ikintu cyo kwitabwaho gikomeye cyane. Ntimwasomye mu Byanditswe ko umuntu ureba umugore maze akamuheheta mu mutima we aba yamaze gusambana na we mu mutima? Kandi niba uburyo bw'imyambarire yanyu ari bwo bwabaye intandaro y'ibyo? Icyo gihe muba muri umufatanyacyaha mu cyaha ke, nubwo mwaba rwose umutima wanyu utabacira urubanza, mukaba muri isugi ku buryo bwuzuye kandi mukaba mutanagira irari nk'iryo. Ariko, imbere y'Imana, muba mufite urubanza, kandi muzabibazwa.

None, nzi ko abadamu, mudakunda ikibwirizwa nk'iki. Nyamara, mushiki wange, muba mufite ikosa rikomeye ryo kugenza mutyo. Bibiliya ibabuza kwiyogoshesha imisatsi. Imana yayibahaye nk'igitwikirizo. Yabahaye itegeko ryo kuyitunga ari miremire, ni ubwiza bwanyu. Igihe mwiyogoshesheje imisatsi biba bisobanuye ko mutakiri munsi y'ubutware bw'umugabo wanyu. Kimwe na Eva, muba mwarahindutse ibyigenge. Mwagize uburenganzira bwo gutora. Mwagiye mu mirimo y'abagabo. Mwataye kamere yanyu ya kigore. Mwakagombye kwihana kandi mukagarukira Imana.

Kandi, ni nkaho ibyo byose ubu bidakomeye cyane, benshi muri mwe bishyizemo ko bashobora kujya ku ruhimbi bakarwigabiza no mu mirimo ikorwa mu Itorero, iyo Imana yageneye abagabo kandi ni bo bonyine. Yoo! Nkoze ku ngingo ndakorwaho ikomeye cyane, si ko biri? Rwose, nimunyereke ahantu hamwe muri Bibiliya, aho Imana yaba yarigeze gushyiraho umugore kugira ngo abwirize, cyangwa ngo ategeke umugabo, kandi ndabiseguraho ku byo navuze. Nta bwo mubasha kuvuga ko nibeshye. Mfite ukuri kuko mpagaze ku Ijambo, kandi nkomeje kuba mu Ijambo. Iyo muza kuba muri abakire mu buryo bw'Umwuka, mwajyaga kumenya ko ari iby'ukuri. Hanze y'Ijambo, nta kuri kuhaba. Pawulo yaravuze ati:

"Kuko nanga ko umugore yigisha cyangwa ngo agategeke umugabo." Ntimushobora gufata umwanya mu bukozi butanu bwo mu Befeso 4 mutagize ubutware ku bagabo, ntibishoboka. Mushiki wacu, mwaba mukoze neza mwumviye iri Jambo. Nta bwo ari Umwuka w'Imana wigaragaje mu bugingo bwuzuye Umwuka wababwiye ngo mubwirize, kuko Umwuka n'Ijambo ari UMWE. Bavuga rumwe. Umuntu yakoze ikosa. Umuntu yemeye gushukwa. Nimukanguke igihe kikiriho. Satani yashutse Eva, nyoko ubabyara, none, arashuka abakobwa be. Imana ikwiriye kubafasha.

"Nta cyo nkennye."

Umuntu uvuga ati: "Nta cyo nkennye" rwose yashobora na none kuvuga ati: "Mfite byose", cyangwa ati: "Nta cyo ngikeneye, kuko ubu namaze guhaga." Mushobora kuvuga uko mushaka, ibyo birashaka kuvuga ko Itorero ryihagije ubwaryo. Ririhagije n'ibyo ritunze. Rinyuzwe n'ibyo rifite. Riribwira ko rifite ibyo rikeneye byose, cyangwa na none rikaba ribifite ku buryo buhagije. Kandi neza neza ni byo tubona uyu munsi. Ni irihe dini ritavuga ko, UBWARYO, rifite uguhishurirwa, imbaraga n'ukuri? Nimwumve Ababatisita: bafite byose. Nimwumve Abametodisiti:bafite byose. Nimwumve ab'Itorero rya Kristo: bose baribeshya, uretse bo. Nimwumve Abapantekoti, bavuga ko bafite umwuzuro w'umwuzuro.

Rwose bazi ko ibyo mvuga kuri bo ari iby'ukuri, kuko neza neza ni cyo buri kimwe mu bitabo byabo bifashisha kivuga. Rwose byose babishyize mu nyandiko, babishyizeho umukono, kandi ku bw'ibyo ikibazo baragikemuye. Nta kindi Imana ifite usibye ibyo. Kandi hari abadafite ikindi bifuza usibye ibyo. Ntibizera ugukira indwara, kandi ikibabaje nta bwo babyifuza, nubwo biri mu Ijambo. Hari abatakwifuza Umwuka Wera, nubwo Imana yakingura Ijuru kandi ikabereka ikimenyetso.

Ku bw'ibyo, barabivuga bose kandi bose bakagerageza kugaragaza ko bafite byose, cyangwa ko bafite ibihagije. Ariko se ibyo ni ukuri? Nimugereranye iri Torero ryo mu kinyejana cya makumyabiri n'Itorero ryo mu kinyejana cya mbere. Ngaho nimubigereranye. Nimubikore. Imbaraga iri he? Urukundo ruri he? Itorero ryejejwe ryarwanyaga icyaha kandi ryagendanaga ukwizera rigana aho Yesu ari riri he? Ubumwe buri he? Ntimuzabibona. Niba iryo Torero rifite ibyo rikeneye byose, none ni mpamvu ki mu Byakozwe n'Intumwa, bateraga hejuru batakamba kugira ngo barusheho kubona Imana nkaho nta cyo bari bafite na mba, mu gihe rwose bari bafite ibiruta ibyo abantu bafite uyu munsi?

UKO IMANA IBIBONA

Nyamara, icyo Imana yabonye cyari gitandukanye burundu n'icyo bo bavugaga ko babona. Bavugaga ko bafite ubutunzi bwinshi kandi ko bakize mu by'Umwuka. Bari barageze iyo bajya. Nta cyo bari bakennye. Ariko Imana yabonaga ibintu ku bundi buryo. Yaravugaga iti: "Nta bwo ubizi, nyamara uri imbabare, umutindi wo kubabarirwa, impumyi ndetse wambaye ubusa." Nyamara, igihe abantu bari muri icyo gice, cyane cyane bambaye ubusa buri buri kandi BAKABA BATABIZI, hagomba kuba hari ikintu runaka kigenda nabi ku buryo buteye ubwoba. Nta gushidikanya ko haba hari ikintu runaka kirimo kubaho. Ntibyaba ari uko Imana yahumishije amaso yabo, nk'uko yabikoze ku Bayuda? Ese Ubutumwa Bwiza bugarutse mu Bayuda? Ese amateka yisubiyemo? Ngewe, ndavuze ko ari ko biri.

Imana ivuga ko iri Torero ryo mu gisekuru cya Lawodikiya ari: "iryo kubabarirwa". Iri jambo rikomoka ku magambo abiri y'ikigiriki ashaka kuvuga: "guhura n'ingorane runaka" na "ikigeragezo". Kandi ibyo nta ho bihuriye n'ibigeragezo bigera ku mukristo nyakuri, kuko Imana ivuga iby'umukristo uri mu bigeragezo ko "yahawe umugisha", kandi ko imimerere ye irangwa n'umunezero, mu gihe iki gishushanyo kivuga: "Imbabare n'umutindi wo kubabarirwa". Ukuntu ibintu bidasanzwe. Muri iki gisekuru aho nta kintu na kimwe babuza, igisekuru k'iterambere, muri igisekuru cyuzuyemo ibintu byose, ni buryo ki habasha kubaho ibigeragezo?

Rwose, mu by'ukuri, ni ibintu bitangaje; ariko muri iki gisekuru cyuzuyemo ibintu byose kandi igihe uburyo bwinshi tububona, aho buri umuntu afite ibintu byinshi kandi igihe hari na none ibindi bintu byinshi tugomba kuba dufite, n'ubuvumbuzi bwose bugenewe gukora imirimo yacu mu rwego rwo kutworohereza n'ibindi bintu byose biri aho kugira ngo biduhe umunezero, BIDATINZE, tugiye kubona tukabona uburwayi bwo mu mutwe bufashe intera nk'iyo bugezeho ku buryo igihugu cyose uko cyakabaye bisoza kibyitotombeye. Mu gihe buri wese yakagombye kuba anezerewe, kuko mu bigaragara nta mpamvu n'imwe yatuma waba uri uwo kubabarirwa, turabona za miliyoni z'abantu bafata imiti igabanya umuhangayiko nimugoroba n'itera imbaraga mu gitondo, birukira ku muganga, bajya mu mavuriro yita ku babafite ibibazo byo mu mutwe, cyangwa se bakagerageza kwiyibagiza ubwoba baba bafite batazi impamvu ibutera bafata agahiye bagasaya. Ni byo, iki gisekuru kiratana ubutunzi bwacyo kizigamye bw'iyi

si, ariko abantu ntibanezerewe ku buryo busesuye ugereranije n'ibihe byose byigeze kubaho. Iki gisekuru kirata imbuto zo kuba ari ikinyamwuka ku rwego rwo hejuru, ariko na none ugasanga abantu batifitiye ikizere ubwabo gihagije ugereranije n'ibindi bihe. Iki gisekuru kirata kuba gifite indangagaciro z'umuco ziruta izo mu bihe byashize, kandi nyamara kirononekaye kurusha ibindi bisekuru uhereye ku gihe cy'umwuzure. Kivuga iby'ubumenyi bwacyo n'iby'ubuhanga bwacyo, nyamara kirarwana urugamba rwatsinzwe uhereye mbere muri byose, kuko ibitekerezo, ubugingo n'umwuka bya kimuntu bidashobora kumva, gushyikira impinduka zose zirimo kubaho ku isi ngo byisanishe na zo. Mu gisekuru kimwe, twavuye ku kugendera ku ifarashi tugera ku modoka turakomeza ubu tugeze ku bigendajuru, kandi tunejejwe n'ibyo, turanabyirata. Nyamara, imbere h'imbere mu bantu, hari icyuho kinini gicuze umwijima, aho ni ho haturuka urusaku rw'amarira no kuganya bituruka mu kubabazwa kwabo; NTA MPAMVU IGARAGARA, umutima wabo wugarijwe n'ubwoba, kandi isi icuze umwijima ku buryo bukabije ku buryo rwose nta kwibeshya wabasha kwita iki gisekuru igisekuru k'imihangayiko. Kirirata, nyamara ibyo kirata ni umuyaga gusa. Kivuga iby'amahoro, ariko nta mahoro ahari. Kivuga ko gitunze byose ku buryo bisaga, ariko irari ryacyo riragitwika nk'umuriro udahaga! "Nta mahoro ahari", ni ko Imana yange ibwira ababi.

"Ni abatindi bo kubabarirwa." Ibyo bisobanuye ko ari abantu bo kugirirwa impuhwe. Impuhwe? Bazirebana agasuzuguro. Buzuye ubwibone. Birata ibyo bafite. Ariko ibyo bafite ntibizahangara guhangana n'ikigeragezo k'igihe. Bubatse ku musenyi unyeganyega, aho kubaka ku rutare rwo guhishurirwa Ijambo ry'Imana. Bidatinze, imiyaga ihuha y'uburakari bw'Imana igiye kwisukiranya mu gihe cy'urubanza. Ku bw'ibyo uwo mwanya ukurimbuka kuzabatungura, kandi, ikibabaje imyiteguro yabo yose nta cyo izabamarira, ntibazaba biteguye ibizaba bigiye kubaho ku isi. Tutitaye ku mihate yabo yose y'isi, ni bo bakora birwanya ubwabo, batabizi. Mu by'ukuri ni abantu bo kugirirwa impuhwe. Mugirire impuhwe abo bantu bo kubabarirwa bari mu rufatane mpuzamadini rw'umunsi wa nyuma, kuko bavuga ko urwo rufatane ruturuka ku Mana, mu gihe ruturuka kuri Satani. Nimugirire impuhwe abadasobanukiwe umuvumo uri ku mashyirahamwe y'imiryango ya kidini.Nimugirire impuhwe abafite izo nsengero nziza zose, ayo mazu meza bihebuje ya paruwasi, ayo makorali meza bihebuje afite amajwi yatojwe neza by'akarusho, uko gukoreshwa kw'imitungo kose, iryo teraniro rituje bikabije kandi ryubashye Imana cyane. Mubagirire imbabazi, ntimukabifuze. Nimugaruke kuri bya bizu bishaje bahunikamo, kuri bya byumba byari bifite urumuri rudahagije; kuri twa twumba duto two munsi y'amazu; twite buhoro ku by'isi, kandi turusheho kwita ku by'Imana. Mugirire impuhwe abafite ibyo bibwira kugeraho bikomeye kandi bakavuga iby'impano zabo. Mugirire imbabazi abo bantu bo kugirirwa impuhwe, kuko bidatinze bazaba ari abantu bo kugirirwa umujinya.

"Ni abatindi". Ni byo rwose, ibyo bishatse kuvuga ko ari abatindi mu buryo bw'Umwuka. Iki gisekuru, mu gihe kigeze ku iherezo ryacyo, kirangwa n'insengero nini kandi nziza kurusha izigeze kubaho, zirarushaho kuzura abantu, aho uhasanga ibintu barushaho kugenda bafata nk'ukwigaragaza kw'Umwuka Wera. Ariko ibicaniro bizengurutswe n'abantu, impano z'umwuka zikora, urwo runyurane rugaragara, ibyo byose nta bwo ari igisubizo k'Imana, kuko ntibisanzwe rwose ko abaza ku gicaniro bakomezanya n'Imana. Iyo igiterane gikomeye k'ivugabutumwa kirangiye, abaje imbere mu kayira babyigana bose baba bari he? Bumvise umuntu, bumvise umuhamagaro, binjiye mu rushundura. Gusa, ntibari amafi, icyo gihe, kimwe n'utunyamasyo byisubiriye mu mazi aho byaje baturuka.

Na none, hari ibyo bavuga rwose ku byerekeye ukuvuga mu ndimi, gufatwa nk'igihamya cy'uko wabatijwe n'Umwuka Wera, kandi ibyo bikizeza abantu ko turi hagati mu bubyutse bukomeye. Ububyutse bwararangiye. Amerika yagize amahirwe yayo ya nyuma mu wa 1957. None, indimi ni ikimenyetso Imana itanga cy'uko akaga gakomeye kari bugufi cyane, nk'uko byari biri mu birori by'umunsi mukuru wa Berushaza igihe zagaragaye ku gisika k'inzu. Ntimuzi ko ku munsi wa nyuma, benshi bazaza bavuga bati: "Mwami, Mwami, ntitwakoze ibitangaza byinshi mu Izina ryawe, kugeza igihe twirukanye n'amadayimoni?" (Matayo 7:22-23). Kandi Azavuga ati:

> *"Nimumve imbere, mwa nkozi z'ibibi mwe. Sinigeze kubamenya."*

Yesu yavuze ko bari inkozi z'ibibi. Kandi nyamara, birahagije kuri mwe kuzana umuntu usengera abarwayi, utuma hagaragara amavuta n'amaraso mu iteraniro, hamwe n'ubuhanuzi n'ibintu by'ubwoko bwose bidasanzwe, kandi abantu bazaza bamuterane bamugose, barahira ko yatumwe n'Umwami, nubwo, mu bigaragara, yaba yaragize idini uburyo bwo kubona amaronko, kandi we akaba yituriye mu cyaha. Igisubizo cyabo kimwe, ari na cyo gihabanye bidasubirwaho na Bibiliya, ni iki gikurikira: "Rwose, kubera ko akora ibintu bigatanga ibisubizo, agomba kuba ari umuntu watumwe n'Imana." Ni ibintu biteye ubwoba! Mbega ukuntu mu by'ukuri iki gisekuru ari igisekuru gikennye mu birebana n'iby'Umwuka w'Imana, kandi abo batindi bo kubabarirwa rwose ntibabizi.

"Muri impumyi kandi mwambaye ubusa". Aho, mu by'ukuri hari icyatuma umuntu ata ikizere. Ni buryo ki umuntu abasha kuba impumyi kandi yambaye ubusa, kandi ntabimenye? Nyamara, byavuzwe ko ari impumyi kandi bambaye ubusa, kandi ntibabimenya. Igisubizo, ni uko ari impumyi kandi bakaba bambaye ubusa mu buryo bw'Umwuka. Muribuka igihe Elisa na Gehazi bari bagoswe n'ingabo z'Abasiriya? Mwibuke ko Elisa yabateje ubuhumyi ku bw'imbaraga y'Imana. Nyamara, bari bakanuye bareba, kandi barebaga aho bajyaga. Ubuhumyi bwabo bwari ubw'umwihariko kuri ibi, ni uko bashoboraga kubona ibintu bimwe,

ariko hari ibindi bintu batashoboraga kubona, nk'urugero Elisa, umugaragu we n'urugerero rwa Isirayeli. Ibyo izo ngabo zabonaga nta cyo byari bimumariye. Ibyo batashoboraga kubona byatumye bahinduka ingaruzwamuheto. Nyamara, ibyo bisobanuye iki kuri twe? Ibyo bisobanuye kimwe neza neza nk'ibyabaye mu gihe cy'ubukozi bwa Yesu hano ku isi. Yagerageje kubigisha ukuri, ariko ntibashakaga kumva. Yohana 9:40-41:

> *Abafarisayo bamwe bari kumwe na we bumvise ibyo baramubaza bati: "Mbese natwe turi impumyi?"*
>
> *Yesu arababwira ati: "Iyo muba impumyi nta cyaha muba mufite, ariko none kuko muvuga yuko mureba, icyaha cyanyu gihoraho."*

Imyitwarire y'iki gisekuru isa neza neza nk'iyo muri icyo gihe. Dufite byose. Tuzi byose. Nta cyo dukwiriye guhabwa k'inyigisho. Niba umuntu azanye ukuri kw'Ijambo kugira ngo agusobanurire umuteze amatwi akaba afite igitekerezo gihabanye n'icyo, uwo muntu abwira ntazumva na hato kugira ngo asobanukirwe ikintu runaka, ahubwo azumva gusa kugira ngo ahakane ibyo bamubwira. Nyamara, munyemerere mbaze ikibazo cyoroshye. Ese igice k'Ibyanditswe kibasha kurwanya ikindi? Bibiliya se irivuguruza? Muri Bibiliya hashobora kuba hari inyigisho ebyiri z'ukuri zivuguruzanya, cyangwa zivuga ikintu kimwe gihabanye n'ikindi? OYA. IBYO NTIBISHOBOKA. Kandi nyamara, ni abantu bangahe, mu bwoko bw'Imana, bafite amaso ahumutse akaba yabona uku kuri? Nta n'umwe ku ijana muri bo, nkurikije uko mbizi wigishijwe ko Ibyanditswe BYOSE byatanzwe n'Imana, kandi ko bigirira umumaro wo kwigisha, kugira ngo bicyahe, bikosore, n'ibindi. Niba Ibyanditswe byose byaratanzwe bityo, icyo gihe buri murongo w'Ibyanditse wose uzajyana neza neza n'igice gisigaye muri rusange, niba bawuhaye uburyo. Ariko nyamara, ni bangahe bizera gutoranywa ku bwo kuba barashyizwe mu mugambi w'Imana mbere y'ugushyirwaho kw'imfatiro z'isi, n'ukudatoranywa kuganisha ku kurimbuka? Ese abatabyizera bazumva? Habe na mba. Nyamara, ibyo bintu uko ari bibiri biri mu Ijambo, kandi ntawabasha kugira icyo abihinduraho. Ariko ntibashaka gufata igihe cyo kwiga ibi bintu no guhuza ukuri kw'izo nyigisho n'ukundi kuri gusa n'ukubirwanya; aho gukora ibyo, bavunira ibiti mu matwi, bagahekenya amenyo, kandi bakabura byose. Ku iherezo ry'iki gisekuru, umuhanuzi azaza, ariko bazaba ari impumyi ku byo azakora byose n'ibyo azavuga. Bazi neza badashidikanya ko bafite ukuri, kandi mu buhumyi bwabo, bazabura byose.

Nyamara, Imana ntivuga gusa ko ari impumyi, ahubwo na none bambaye ubusa. Nta cyo mbasha gutekereza k'ishyano giteye ubwoba kuruta ko umuntu yaba ari impumyi akaba anambaye ubusa, akaba atabizi. Hari igisobanuro kimwe kuri ibyo, ni uko: yataye umutwe. Ni umuntu wamaze guta ubwenge burundu. Yatakaje ubushobozi bwe bwo gutekereza, ikibazo cyo gutakaza ubwenge mu buryo bw'Umwuka kiri muri we. Ni iki ibyo na none bibasha gusobanura? Umwuka Wera yaba yaravuye mu Itorero ryo kuri uyu minsi wa nyuma? Byaba ari uko se abantu baba barirukanye Imana mu bitekerezo byabo ku buryo ibyavuzwe mu Baroma 1:28 bibaho:

> *"Kandi ubwo banze kumenya Imana, ni cyo cyatumye Imana ibareka ngo bagire imitima yabaye akahebwe bakora ibidakwiriye."*

Rwose birasa naho cyaba ari ikintu runaka nk'icyo. Ngaba abantu bavuga ko ari ab'Imana, kandi ko bazi Imana kandi bakaba banafite Umwuka Wera wayo, kandi nyamara bakaba bambaye ubusa ari n'impumyi, kandi bakaba batabizi. BAMAZE GUSHUKWA. NTA MWUKA W'IMANA BAFITE. INTORE NTIZISHOBORA GUSHUKWA, ARIKO BIRAGARAGARA KO ABO BANTU BASHUTSWE. Abo ni abahumishijwe kubera ko banze Ijambo ry'Imana. Abo ni bo biyambitse ubusa bava munsi y'ubutabazi n'uburinzi bw'Imana, kandi bashatse kugera ku gakiza bakoresheje uburyo bwabo bwite, bubaka umunara wabo bwite wa Babel bifashishije idini.

Yoo! Mbega ukuntu babona rwose ko bambaye neza bitangaje, hamwe n'amateraniro yabo y'ihuriro, inama zabo za konsile, n'ibindi. Ariko noneho, Imana itwikuruye ibyo byose, kandi bambaye ubusa, kuko ayo madini yabashoye rwose mu bwatsi bwa antikristo, mu murima w'urukungu, ruteguriwe guhambirwa no gutwikwa. Mu by'ukuri ni abo kugirirwa impuhwe. Ni byo, mubagirire impuhwe, mubaburire, mubinginge: uko biri kose bazakomeza kwijandika nta cyo bitayeho berekeza mu kurimbuka; abo ni nk'udusigarizwa tw'inkwi turwanya bidasubirwaho ko badukura mu murimo. Ni byo, mu by'ukuri, ni abatindi bo kubabarirwa, kandi nyamara ntibabizi. Binangiye imitima kandi bari kure cyane y'ibyiringiro byose, kandi mu by'ukuri bishyira hejuru mu biteye isoni byabo. Bakerensa Ijambo barisuzuguye, kandi nyamara ari ryo rizabacira urubanza umunsi umwe, kandi bagomba kuzishyura ikiguzi cyashyizweho mu rubanza rwayo ruteye ubwoba Izaca.

INAMA YA NYUMA IGIRWA IKI GISEKURU

Ibyahishuwe 3:18-19:

> *"Dore ndakugira inama ngo ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda ubone uko uba umutunzi, kandi ungureho n'imyenda yera kugira ngo wambare isoni z'ubwambure bwawe zitagaragara, kandi ungureho n' umuti wo gusiga ku maso yawe kugira ngo uhumuke.*

Abo nkunda bose ndabacyaha nkabaha n'ibihano. Nuko rero gira umwete wihane."

Inama itangwa n'Imana irasobanutse neza. Ihita irasa ku ntego. Imana igaragaza ibyiringiro bimwe kuri iryoTorero ry'umunsi wa nyuma. Ibyo byiringiro, ni YO UBWAYO. Iravuga iti: "Ngwino ungureho." Iyo mvugo "ungureho" yerekana ku buryo bugaragara ko Itorero rya Lawodikiya ridakorana na rimwe na Yesu kugira ngo ribone iby'Umwuka bituruka mu Bwami bw'Imana. Ibyo rikora ntibishobora kuba iby'Umwuka. Bashobora kwizera ko ari Abanyamwuka, ariko ni buryo ki bashobora kuba bo? Imirimo yabo ntihura na mba n'ibyo Pawulo yavugaga mu Bafilipi 2:13, ati:

"kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira."

None se, iby'ayo matorero yose bimeze bite, iby'ayo mashuri, iby'ayo mavuriro, iby'izo gahunda z'ingendo z'ivugabutumwa, n'ibindi? Imana ntiri muri byo, mu gihe cyose ibyo byakomotse ku mbuto n'umwuka by'idini, bitarakomotse ku mbuto n'Umwuka by'Imana.

"Ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda, ubone uko uba umutunzi."

Nyamara, abo bantu bari bafite zahabu nyinshi, ariko atari iy'ubwoko bwiza. Iyo zahabu ni yo bakoreshaga bagura ubugingo bw'abantu maze bakabarimbura. Yari zahabu y'ubwoko bubi kandi ikangiza kamere y'umuntu, kuko gukunda iyo zahabu ni umuzi w'ibibi byose.

Ibyahishuwe 18:1-14:

Hanyuma y'ibyo mbona marayika wundi amanuka ava mu ijuru afite ubutware bukomeye isi imurikirwa n'ubwiza bwe.

Arangurura ijwi rirenga ati: "Iraguye iraguye, Babuloni ikomeye! Ihindutse icumbi ry'abadayimoni, aharindirwa imyuka mibi yose n'ibisiga byose bihumanye kandi byangwa.

Kuko amahanga yose yanyoye inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi by'uwo mudugudu, kandi Abami bo mu isi basambanaga na wo, abatunzi bo mu isi bagatungishwa n'ubwinshi bw'ubutunzi bwawo no kudamarara."

Numva irindi jwi rivugira mu ijuru riti: "Bwoko bwange, nimuwusohokemo kugira ngo mwe gufatanya n'ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo.

Kuko ibyaha byawo byarundanijwe bikagera mu ijuru, kandi Imana yibutse gukiranirwa kwawo.

Muwiture ibihwanye n'ibyo wabagiriye, kandi muwusagirizeho kabiri ibikwiriye ibyo wakoze. Mu gikombe wafunguragamo, muwufunguriremo kabiri.

Nk'uko wihimbazaga ukidamararira ukishima ibyishimo bibi, mube ari ko muwuha kubabazwa agashinyaguro no kuboroga, kuko wibwira uti: 'Nicara ndi umugabekazi sindi umupfakazi, ni cyo gituma nta gahinda nzagira na hato.'

Ku bw'ibyo, ibyago byawo byose bizaza ku munsi umwe, urupfu n'umuborogo n'inzara kandi uzatwikwa ukongoke, kuko Umwami Imana iwuciriyeho iteka ari iy'imbaraga."

Kandi Abami bo mu isi basambanaga na wo bakadabagirana na wo, bazawuririra bawuborogere ubwo bazabona umwotsi wo gutwikwa kwawo,

bahagaritswe kure no gutinya kubabazwa kwawo bati: "Ni ishyano ni ishyano! Wa mudugudu munini we. Yewe Babuloni wa mudugudu ukomeye we, ubonye ishyano kuko mu isaha imwe iteka uciriweho rigusohoyeho!"

N'abatunzi bo mu isi na bo bazawuririra bawuborogere, kuko ari nta wuzaba akigura urutundo rwabo,

ari izahabu ari ifeza, ari amabuye y'igiciro kinshi n'imaragarita, n'imyenda y'ibitare myiza n'imyenda y'imihengeri, na hariri n'imyenda y'imihemba, n'ibiti byose by'imibavu n'ibintu byose byaremwe mu mahembe y'inzovu, n'ibintu byose byabajwe mu biti by'igiciro kinshi cyane, n'ibyacuzwe mu miringa n'ibyacuzwe mu cyuma, n'ibyaremwe mu ibuye ryitwa marimari,

na mudarasini n'ibinzari, n'imibavu n'amavuta meza nk'amadahano, n'icyome n'inzoga n'amavuta ya elayo, n'ifu y'ingenzi n'amasaka, n'inka n'intama, n'amafarashi n'amagare, n'imibiri y'abantu n'ubugingo bwabo.

Kandi imbuto umutima wawe wifuzaga zigukuweho, n'ibintu byose biryoha neza n'ibisa neza bigushizeho, ntibazabibona ukundi.

Ngayo neza neza Amatorero ya kidini yo kuri uyu munsi wa nyuma, kuko ku murongo wa 4 havuga hati: "Nimuwusohokemo, BWOKO BWANGE." Izamurwa ntiriraba. Umugeni nta bwo aragenda, igihe ubu hakiri iyo mimerere iteye ubwoba y'iryo Torero rikize, ari ryo Torero ry'ikinyoma.

Nyamara hari zahabu yakomotse ku Mana.

Petero 1: 7:

"Kugira ngo kwizera kwanyu kugaragare ko kurusha izahabu igiciro kinshi."

Zahabu y'Imana ni kamere isa neza n'iya Kristo, yatunganirijwe mu muriro w'uruganda rw'imibabaro. Ngiyo zahabu nziza.

Ariko se ni ubuhe bwoko bwa zahabu Itorero rifite uyu munsi? Icyo rifite gusa ni zahabu y'isi, yangirika. Rirakize. Ririhagije ubwaryo. Ubutunzi bwinshi ritunze ryabuhinduye ihame ryaryo ry'igishingirwaho mu by'Umwuka. Igihamya cy'uko bafite umugisha w'Imana, igihamya cy'ukuri kw'inyigisho bigisha, n'ibindi, ubu noneho byahindutse umubare w'abantu bakize bari muri ibyo.

Mwaba mukoze neza muje hakiri kare igihe kikiriho, ni ko Umwami avuga, kugira ngo mungureho izahabu yageragerejwe igatunganywa n'umuriro, kandi icyo gihe ni bwo muzaba muri abakire by'ukuri." Ibyo turabyumva? Rwose nimunyumve neza: "Twaje ku isi twambaye ubusa (mu buryo bw'umubiri), ariko NTA BWO tuzayivaho twambaye ubusa (mu buryo bw'Umwuka)." Yoo! Oya, tuzajyana ikintu runaka. Icyo kintu, ni cyo CYONYINE tubasha kuzajyana, nta na kimwe kindi cyongeweho, nta n'ikigabanijweho. Ku bw'ibyo twakagombye kuba dufite gihamya y'uko dufite icyo kintu tuzajyana kiduhamiriza ko dukiranuka imbere y'Imana. None se, icyo gihe, ni iki tuzajyana? Tuzajyana KAMERE yacu, mwene data, ngicyo icyo tuzajyana. Icyo gihe, ni iyihe kamere muzajyana? Ese izaba isa na kamere Ye yari yaratunganijwe n'uburibwe inyuze mu muriro w'itanura ry'imibabaro, cyangwa izaba isa n'iy'ubuzima bworoshye bw'aba bantu badabagiye bo muri iki gisekuru cya Lawodikiya badafite iyo kamere? Ibyo biterwa na buri wese muri twe ku giti ke, kuko kuri uwo munsi, buri wese azikorera umutwaro we.

Nyamara, navuze ko umugi wa Lawodikiya wari umugi ukize. Wakoraga amafaranga muri zahabu yanditsweho impande zombi. Amafaranga akozwe muri zahabu ni yo yarangaga icyo gisekuru: ubucuruzi bwari buteye imbere cyane kubera iyo zahabu. Uyu munsi amafaranga akozwe muri zahabu afite impande zombi ari muri twe. Turayifashisha akaduhesha umudendezo kandi akanaduhesha uburenganzira. Mu itorero, tugerageza gukora nk'ibyo. Ku bwayo, twibohora icyaha kandi tukaniha uburenganzira bwo kwinjira mu Ijuru— urebye ibyo ni byo twibwira. Ariko si cyo Imana ivuga.

Iterero rifite ubutunzi bwinshi bitangaje ku buryo rishobora igihe icyo ari cyo cyose kwigarurira ubucuruzi bw'isi yose uko yakabaye. Ndetse, umwe mu bayobozi bakuru b'inama mpuzamatorero yarabihanuye ku mugaragaro aravuga ati: Itorero, rwose mu bihe bya bugufi bigiye kuza, ryagombye kubikora, ribasha kubikora, kandi rwose rizabikora. Ariko umunara wabo wa Babeli usizwe zahabu uzarindimuka usenyuke. Zahabu yonyine yageragejwe igatunganywa n'umuriro ni yo izasigara.

Kandi Itorero ni cyo ryakoze buri gihe, mu bisekuru byose. Ryaretse Ijambo ry'Imana kugira ngo ririsimbuze inyigisho zaryo bwite amahame; ryahindutse idini kandi ryabaye umwe n'isi. Ku bw'ibyo ryambaye ubusa, kandi Imana icira urubanza imyifatire yaryo y'urukozasoni kubera ko ridafite icyo ribyitayeho. Uburyo bumwe rukumbi bwo kuva muri icyo gice giteye ubwoba, ni uko ryakumvira Umwami rikagaruka ku Ijambo rye. Ibyahishuwe18 :4:

"Nimuwusohokemo, bwoko bwange."

Abakorinto 6:14-18:

"Ntimukifatanye n'abatizera mudahwanye. Mbese gukiranuka no gukiranirwa byafatanya bite? Cyangwa umucyo n'umwijima byabana bite?

Kandi Kristo ahuriye he na Beliyari, cyangwa uwizera n'utizera bafitanye mugabane ki?

Mbese urusengero rw'Imana rwahuza rute n'ibishushanyo bisengwa, ko turi urusengero rw'Imana ihoraho? Nk'uko Imana yabivuze iti : "Nzatura muri bo ngendere muri bo, na bo bazaba ubwoko bwange.

Nuko muve hagati ya ba bandi, mwitandukanye ni ko Uwiteka avuga, kandi ntimugakore ku kintu gihumanye. Nange nzabakira,

kandi nzababera so, namwe muzambera abahungu n'abakobwa, ni ko Uwiteka ushobora byose avuga."

Hari ikiguzi cyo kwishyurwa kugira ngo ubone uwo mwambaro; kandi icyo kiguzi, ni ukwitandukanya.

"N'umuti wo gusiga ku maso yawe, kugira ngo uhumuke."

Ntavuga ko mugomba kugura uwo muti wo gusiga ku maso. Yoo! Oya. Umwuka Wera nta gaciro k'ikiguzi watanga ngo uwubone.

"Ibi byonyine ni byo nshaka ko mumbwira.

Mbese imirimo itegetswe n'amategeko ni yo yabahesheje Umwuka, cyangwa se ni uko mwumvise mukizera?

Abagaratiya 3:2:

Mudafite umubatizo w'Umwuka Wera, ntimushobora na rimwe kugira amaso ahumutse abona uguhishurirwa nyakuri kw'Ijambo gutangwa n'Umwuka. Umuntu udafite Umwuka aba ari impumyi itabasha kubona Imana n'ukuri kwayo.

Iyo ntekereje kuri uwo muti uhumura amaso y'abantu, sinshobora kwibuza kwibuka igihe nari umwana muto w'umuhungu wo mu giturage cya Kentucky. Nge n'umwana tuva inda imwe twari turyamye mu kantu k'akumba, ku byatsi. Imyenge y'inzu yanyuragamo imiyaga y'ubwoko bwose. Rimwe na rimwe, mu gihe k'imbeho, habaga hakonje cyane ku buryo wabyukaga ugasanga ibitsike by'amaso byafatanye amaso yagize ikibazo kubera imbeho. Twatangiraga kurira dutera urusaku kugira ngo duhamagare mama na we yarazamukaga icyo gihe maze akabyiringira amaso yacu akoresha amavuta ashyuhije y'urugimbu rw'agasimba [kameze nk'injangwe ko mu gasozi kaba muri Amerika y'Amajyaruguru. - Usobanura.] ibyo byakuragaho ibintu byabaga byahomye ku maso yacu, kandi icyo gihe twashoboraga kongera kureba.

Murabizi, hari imiyaga iteye ubwoba ikonje yahushye mu Itorero muri iki gisekuru, kandi rwose mfite ubwoba ko ubwo bukonje urebye bwaba bwarahumishije amaso, kandi rikaba ryarahumye ku buryo ryaba ritakibasha kubona ibyo Imana yariteguriye. Rikeneye amavuta ashyushye y'Umwuka w'Imana, kugira ngo amaso yaryo ahumuke. Niba ritakiriye Umwuka w'Imana, rizakomeza gusimbuza Imbaraga za gahunda zaryo, n'Ijambo ririsimbuze inyigisho ryishyiriyeho ubwaryo. Kugira ngo ryizere ko hari icyo ryagezeho gikomeye ribirebera ku mubare w'abayoboke, aho kurebera ku mbuto.

Abahanga b'ikirenga muri tewolojiya bakinze urugirwo kwizera, kandi babuza abantu bose kwinjira. Na bo ubwabo ntibinjiye, kandi bakabuza n'abandi kwinjira. Tewolojiya yabo ikomoka mu gitabo bifashisha cy'ubuhanga mu by'imitekerereze ya muntu cyanditswe n'umuntu utizera. Hariho Igitabo kimwe cyo kwifashishwa cy'ubuhanga mu by'imitekerereze ya muntu twese dukeneye: ni Bibiliya. Yanditswe n'Imana, kandi irimo ubuhanga mu by'imitekerereze ya muntu bwakomotse ku Mana. Nta bwo mukeneye umuhanga w'ikirenga kugira ngo ayibasobanurire. Gusa nimwakire Umwuka Wera, kandi We azabaha ibisobanuro. Ni We Wanditse icyo Gitabo, ku bw'ibyo ashobora kubabwira ibikirimo n'icyo bisobanura.

Abakorinto 2;9-16:

"Ariko nk'uko byanditswe ngo: "Ibyo ijisho ritigeze kureba, n'ibyo ugutwi kutigeze kumva, ibitigeze kwinjira mu mutima w'umuntu, ibyo byose Imana yabiteguriye abayikunda.

Ariko Imana yabiduhishurishije Umwuka wayo, kuko Umwuka arondora byose ndetse n'amayoberane y'Imana.

Mbese ni nde mu bantu wamenya ibyo undi atekereza, keretse umwuka wa wa wundi umurimo? N'iby'Imana ni ko biri, ntawabimenya keretse Umwuka wayo.

Ariko twebweho ntitwahawe ku mwuka w'isi, ahubwo twahawe uwo Mwuka uva ku Mana kugira ngo tumenye ibyo Imana yaduhereye ubuntu,

ari byo tuvuga ariko ntitubivugisha amagambo akomoka mu bwenge bw'abantu, ahubwo tubivugisha akomoka ku Mwuka, dusobanuza iby'Umwuka iby'Umwuka bindi.

Ariko umuntu wa kamere ntiyemera iby'Umwuka w'Imana kuko ari ubupfu kuri we, akaba atabasha kubimenya kuko bisobanurwa mu buryo bw'Umwuka.

Ariko umuntu w'Umwuka arondora byose, nyamara ubwe nta we umurondora.

Mbese ni nde wigeze kumenya icyo Uwiteka atekereza ngo amwigishe? Nyamara twebwe dufite gutekereza kwa Kristo."

Nyamara, niba ibintu byose Umwuka arega n'ijwi rirenga iki gisekuru ari iby'ukuri, icyo gihe dukeneye ko hagira umuntu uza umeze nka Yohana Umubatiza, kugira ngo acyahe Itorero ku buryo bitigeze bikorwa mbere. Kandi neza neza ni byo bigiye kubaho muri iki gisekuru cyacu. Undi nka Yohana Umubatiza araje, kandi azarangurura n'ijwi rirenga kimwe n'integuza yamubanjirije. Tuzi ko azabikora dushingiye ku bivugwa n'umurongo ukurikira.

Ibyahishuwe 3:19:

"Abo nkunda bose ndabacyaha nkabahana ibihano. Nuko rero gira umwete wihane"

Ni ubutumwa bumwe n'ubwo Yohana yari afite igihe yarangururaga n'ijwi rirenga mu butayu abwira amadini y'abafarisayo, ay'abasadukayo n'abapagani ati: "NIMWIHANE!" Nta yindi nzira yari iriho icyo gihe; nta yindi nzira iriho ubu. Nta bundi buryo bwari buriho bwo kugarukira Imana icyo gihe, na none nta bundi buryo buriho ubu. Ni uko MWAKWIHANA. Mugahindura intekerezo. Nimuhindukire. NIMWIHANE, kuko kubera iki mwapfa?

Mureke tugenzure neza agace k'interuro ka mbere: "Abo nkunda bose." Mu nyandiko y'ikigiriki, batinda ku nsimburazina ngenga "Nge". Ntibivuga, nk'uko abenshi batekereza ko Yakagombye kuvuga Ati: "Abankunda bose, NGEWE." Oya mugenzi wange. Ntitugerageze na rimwe guhindura Yesu IKINTU cyo gukundwa n'abantu muri uyu murongo. Oya! Ni ABANTU BOSE BAKUNZWE n'Imana. Ni ku bw'urukundo RWAYO yabakunze, NTA BWO byakomotse ku rwacu.

Icyo gihe, na none, dushobora kwishimira agakiza Ke, umugambi We n'umuteguro We, kandi tukarushaho na none guhagarara dushikamye mu kuri gushingiye ku nyigisho y'Ukwigenga kw'Imana.Nk'uko yabivuze mu Baroma 9:13: "Nakunze Yakobo." Ku bw'ibyo byaba ngomwa ko twavuga ko, kubera ko ABO ARI BO yakunze GUSA, ku bw'ibyo ntiyakwirirwa itegereza urukundo rw'abatarigeze bayegera? Nta bwo ariko bimeze na hato, kuko na none Yavuze mu Baroma 9:13 iti: "Nanze Esawu". Na none ku murongo wa 11, Umwuka avuga yeruye ati:"Kandi yabibwiwe abana bataravuka kandi batarakora ikiza cyangwa ikibi, NGO IBYO IMANA YAGAMBIRIYE ITORANYA BIBEHO bitavuye ku mirimo, ahubwo bivuye kuri Iyo ihamagara." Urwo rukundo ni: "Urukundo Rutoranya." Ni urukundo rwayo ikunda Intore zayo. Kandi urukundo rwayo ntirushingira ku BYIZA BYAKOZWE N'ABANTU, kuko bivugwa ko umugambi w'Imana ukomezwa n'ugutoranywa, ni ukuvuga neza neza ikinyuranyo k'imirimo umuntu akora cyangwa icyo ari cyo cyose umuntu yaba afite muri we ubwe. Ku bw'ibyo, "MBERE YUKO ABANA BAVUKA", yari yaramaze kuvuga iti: "Nakunze Yakobo, ariko nanze Esawu."

Na none, Ibwira abayo iti: "Abo nkunda bose NGEWE, NDABACYAHA KANDI NKABAHANA IBIHANO." Gucyaha, ni ugukebura ukoresheje igitsuri. Gukebura ukoresheje igitsuri, ni "ukwihanangiriza kugira ngo ukosore." Gukebura ntibisobanura guhana. Ibyo bisonura: "kugorora utekereza ko hazabaho impinduka nziza kuri ibyo". Ni byo neza tubona mu Baheburayo12:5-11:

> *"Kandi mwibagiwe kwa guhugura kubabwira nk'abana ngo: "Mwana wange, ntugasuzugure igihano Uwiteka ahana, kandi ntugwe isari nagucyaha.*
>
> *Kuko uwo Uwiteka akunze ari we ahana, kandi akubita ibiboko abo yemera bose ko ari abana be."*
>
> *Nimwihanganira ibihano muba mugaragaje ko muri abana b'Imana. Mbese ni mwana ki udahanwa na se?*
>
> *Ariko niba mudahanwa nk'abandi bose, noneho muba muri ibibyarwa mutari abana nyakuri.*
>
> *Ko dufite ba data batubyaye ku mubiri, bakaduhana natwe tukabubaha, ntidukwiye kurushaho cyane kugandukira se w'imyuka tugahoraho?*
>
> *Kuko ba bandi baduhanaga iminsi mike nk'uko byari bibabereye byiza, naho uwo aduhanira kugira ngo bitubere byiza dusangire kwera kwe.*
>
> *Nta gihano kinezeza ugihanwa ahubwo kimutera umubabaro, ariko rero hanyuma kera imbuto zo gukiranuka zihesha amahoro abamenyerejwe na cyo."*

Ku bw'ibyo, dore icyo urukundo rw'Imana rugamije. Mu rukundo rwayo, yifuzaga umuryango wayo, umuryango ugizwe n'abana, ugizwe n'abana basa na yo. Nyamara, imbere yayo inyoko muntu imeze nk'umugoma umwe w'ibumba. Muri uwo mugoma umwe, ikoramo ibibumbano by'icyubahiro n'ibibumbano byo gukoreshwa ibibi biteye isoni. AMAHITAMO ni ayayo. Na none abo batoranijwe, babyawe n'Umwuka wayo, bazigishwa kugira ngo base na Yo mu migendere yabo. ICYAHA ifite kwihangana, ubugwaneza n'imbabazi. Ihana ibihano ikoresheje ibiganza byayo byakomerekejwe n'imisumari. Rimwe na rimwe, uwo Mubumbyi agomba gufata ikibumbano arimo kubumba maze akakimenagura burundu kugira ngo abashe kongera kukibumba neza nk'uko ashaka. ARIKO NI KU BW'URUKUNDO. URWO, NI RWO RUKUNDO RWE. URUKUNDO RWE NTIRWABAHO KANDI NTIRUSHOBORA KUBAHO KU BUNDI BURYO.

Yoo! Mukumbi muto, ntutinye na hato. Iki gisekuru kigiye kugera ku iherezo ryacyo bidatinze. Icyo gihe urukungu ruzahambirwa hamwe. Kubera ko umugozi w'inyabutatu udapfa gucika ku buryo bworoshye, bazagira imbaraga zidasanzwe mu buryo butatu: imbaraga za polotiki, imbaraga z'iby'umubiri, n'imbaraga zo mu buryo bw'umwuka (za Satani.) Kandi bazashaka kurimbura Umugeni wa Kristo. Uwo azababazwa, ariko azabyihanganira. Ntimutinye ibyo bintu bizabaho ku isi, kuko Yesu, "kuba yarakunze abe, na none arabakunda kugera ku iherezo." Yohana 13:1 [Bibiliya insobanuro ya Darby. -Usobanra].

"Gira umwete, kandi wihane." Ibyerekeye umwete, iryo Torero ry'ikinyoma rirawufite, ntimubyibeshyeho. Umwete waryo urasa neza neza n'uw'Abayuda,

Yohana 2:17,

"Ishyaka ry'inzu yawe rirandya."

Gusa, ni umwete utari mu mwanya wawo. Ni umwete bafite w'inzu yabo ubwabo bubaka. Ni umwete bafite w'inyigisho zabo bwite, amahame, amadini, ku bwo gukiranuka kwabo bwite. Banze Ijambo barisimbuza ibitekerezo byabo bwite. Bafashije hasi Umwuka Wera bafata abantu babagira abayobozi. Bashyize ku ruhande Umuntu ari We Bugingo Buhoraho, maze basimbuza uyu imirimo myiza, cyangwa ndetse, ahubwo bamushimbuje imirimo myiza, bamusimbuza ukumvira amabwiriza y'itorero.

Ariko Imana irasaba undi mwete utari uwo. Umwete utuma ugira uku gutakamba ugira uti: "NARACUMUYE." Ariko se ni nde wakwemera akatura ko yacumuye? Ese aya madini yose yubatse kuki? Yubatse kukuvuga ko ari yo yabanje, ko ari yo y'Imana, ku kuvuga ko ari yo ari mu kuri. Gusa, YOSE ntashobora kuba ari mu kuri. Mu bigaragara, NTA NA RIMWE muri yo rifite ukuri. Ni imva zisizwe ingwa, zuzuyemo amagufa y'abapfuye. Nta buzima afite. Nta bwo yahamirijwe. Imana ntiyigeze na rimwe yimenyekanisha mu idini na rimwe. Bavuga ko bafite ukuri kuko ari bo babivuga, ariko ntibihagije kubivuga kugira ngo bibe bibaye ukuri. Bisaba ko baba bafite "Uku ni ko Umwami avuze", barahamirijwe n'Imana, kandi ibyo nta byo bafite.

Ariko ngiye kubabwira ibi. Nta bwo ntekereza ko byaba gusa ari Itorero ry'ikinyoma Imana ibwira kwihana. Muri uyu murongo, Irabwira intore zayo. Na bo, bagomba kwihana. Benshi mu bana bayo baracyari muri ayo matorero y'ibinyoma. Abo ni bo bavugwa mu Befeso 5:14:

"Usinziriye we, kanguka uzuke, Kristo abone uko akumurikira."

Gusinzira, nta bwo ari ugupfa. Aba basinziriye mu bapfuye. Bari aho, mu madini yapfuye. Biremera kwitsiritana na yo. Imana irarangurura n'ijwi rirenga iti: "NIMUKANGUKE!" Nimwihane ubupfu bwanyu." Bariya, barimo barayashyigikira, barayataho igihe cyabo n'amafaranga yabo - mu bigaragara, n'ubuzima bwabo ubwabwo - babiha ayo madini ya antikristo bibwira ko bakora neza. Ni ngombwa ko bihana. Bagomba kwihana. Ni ngombwa ko bahindura intekerezo, maze bagahindukirira ukuri.

Ni byo, mu bisekuru byose, iki ni cyo gikeneye kwihana kurusha ibindi. Ariko se kizabikora? Ese kizagarura Ijambo? Ese kizagarura Umwuka Wera aze yongere abe mu bugingo bw'abantu? Ese kizongera kuramya Yesu nk'Umukiza UMWE RUKUMBI? Ndasubiza nti: "oya," kuko umurongo ukurikira uduhishurira ukuri gutangaje ku byerekeye iherezo ry'iki gisekuru.

KRISTO HANZE Y'ITORERO

Ibyahishuwe 3.20-22:

"Dore mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryange agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire.

Unesha nzamuha kwicarana nange ku ntebe yange y'Ubwami nk'uko nange nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye.

Ufite ugutwi niyumve ibyo Umwuka abwira amatorero. »

Hari urwijiji rukomeye ku byerekeye uyu murongo kubera uburyo abantu benshi bawukoresha mu gikorwa k'ivugabutumwa ry'umuntu ku giti ke: nkaho Yesu ari ku rugi rw'umutima wa buri munyabyaha kandi akaba Akomanga kugira ngo bamwemerere yinjire. Bavuga kandi nanone ko, niba umunyabyaha akinguye urugi, Umwami azinjira. Nyamara uyu murongo ntubwira abanyabyaha buri wese ku giti ke.

Dufite incamake y'ubutumwa bubwirwa iki gisekuru, nk'uko hari iya buri butumwa bwa buri gisekuru. Ku murongo wa 22, haravuga hati : "Ufite ugutwi niyumve ibyo Umwuka abwira AMATORERO." Ku bw'ibyo, ni ubutumwa bubwirwa Iterero ry'igisekuru mu cya nyuma. Ni imimerere y'Itorero rya Lawodikiya mu gihe k'iherezo ryaryo. Nta bwo ari ubutumwa bwagenewe umuntu bubwirwa umuntu ku giti ke;Umwuka ni We utubwira aho Yesu ahereye. KRISTO YAVUYE MU ITORERO. Si ku bw'ibyo se cyangwa ibyo si impamvu yumvikana, niba bashyize Ijambo ku ruhande bakarisimbuza inyigisho zabo, bakareka Umwuka Wera bakawusimbuza abapapa, abepisikopi, abayobozi bakuru, abajyanama, n'abandi, kandi bakareka Umukiza bakamusimbuza gahunda y'imirimo, kuba uri umuyoboke w'Itorero runaka cyangwa ukora ibyo gahunda y'Itorero isaba? Ni iki ubasha gukora kindi umutaye? Uko ni ko kumwimura! Nguko uko bamuretse! Urwo ni rwo rugi rukinguriye antikristo, kuko niba hari Umuntu waje mu Izina rya Se (Yesu) kandi bakaba bataramwakiriye, ahubwo bakamwanga, icyo gihe undi azaza mu izina rye bwite (umunyabinyoma, umushukanyi wigereranya), kandi we, bazamwakira. Yohana 5:43. Umunyabugome, umwana wo kurimbuka, ni we uzafata ubuyobozi.

Matayo 24 havuga ibyerekeye ibimenyetso bizagaragara mu kirere kuri uwo munsi wa nyuma, rwose mbere y'Ukuza kwa Yesu. Ndababaza niba vuba aha mwarabonye kimwe muri ibyo bimenyetso, kigaragaza uku kuri tumaze gusuzuma. Uko kuri, ni uko Yesu yagiye ashyirwa ku ruhande kugeza mu gisekuru cya nyuma, aho yashyizwe hanze y'Itorero. Mwibuke ko mu gisekuru cya mbere hafi Uruziga rwose uko rwakabaye rw'abari bagize Itorero bari bari mu kuri. Nyamara, hari hari ikosa rito, ryitwaga imirimo y'Abanikolayiti, ryaribuzaga gukora uruziga rwose uko rwakabaye ngo rube rumurikiwe. Hanyuma, mu gisekuru gikurikiyeho, umwijima wakomeje gucengera, kugira ngo utwikire igice kinini cy'uruziga, ibyo byatumaga habaho urumuri ruke. Mu gisekuru cya gatatu, ubwirakabiri bwarushagaho gufata intera. Mu cya kane, ari cyo gisekuru cy'umwijima, umucyo wasaga n'uwazimiye burundu.

Noneho nimutekereze kuri ibi. Itorero rigaragaza umucyo wa Kristo. Ni we ZUBA. Itorero ni UKWEZI. Ku bw'ibyo urwo ruziga rufite umucyo ni ukwezi. Ni ukwezi gusa n'ukuzuye mu gisekuru cya mbere, igice gifite umucyo cyaragabanutse kugeza ubwo gihindutse agace gato cyane kagenda kiyongera mu gisekuru cya kane. Ariko mu gisekuru cya gatanu, katangiye kuba kanini. Mu cya gatandatu, kabaye kanini ku buryo bugaragara. Mu gihe k'igice k'igisekuru cya karindwi, umucyo wakomeje kuba mwinshi, hanyuma, hanyuma bidatinze urahagarara, kugira ngo uzimire hafi burundu. Icyo gihe, umwijima wo kwimura Imana wari wafashe umwanya w'umucyo, kandi, ku iherezo ry'igisekuru, ntihari hakiri umucyo na busa, kubera ko umwijima wari wafashe umwanya wose. Kristo noneho yari ari hanze y'Itorero.

Ku bw'ibyo ngicyo ikimenyetso mu ijuru: Ubwirakabiri bwa nyuma bw'ukwezi bwari ubwirakabiri bwuzuye neza. Ukwezi kwijimye burundu mu byiciro birindwi. Mu kiciro cya karindwi, umwijima w'icuraburindi wabayeho igihe Papa w'i Roma (Pawulo wa VI) yagiye muri Palesitina gukora urugendo rutagatifu i Yerusalemu. Yari we Papa wa mbere mu ba papa bose wari ugeze i Yerusalemu. Uwo mu Papa yitwaga Pawulo VI. Pawulo yari intumwa ya mbere, kandi uwo muntu yafashe iryo zina. Mwitegereze ko ari uwa gatandatu- gatandatu ni umubare w'umuntu. Ni ibintu birenze kuba byaba ari ibintu bihuriranye gusa. Kandi, igihe yagiye i Yerusalemu, ukwezi, ni ukuvuga Itorero, ryahise ryinjira mu mwijima w'icuraburindi. Rwose ni ibyo. Ni iherezo. Ikigisekuru ntikizashira mbere yuko byose bisohora. Ni byo, Mwami Yesu, ngwino ntutinde!

Noneho turabona impamvu hari hari imizabibu ibiri, uw'ukuri n'uw'ikinyoma. Turabona na none impamvu Aburahamu yari afite abana babiri, umwe yari uw'umubiri (yatotezaga Isaka), n'undi w'isezerano. Turabona na none ko ababyeyi bamwe babyaye impanga ebyiri, muri bo umwe yari azi ibintu by'Imana kandi yarabikundaga, kandi undi yari azi agace gato k'uko kuri, ariko ntiyari afite Umwuka nk'uwa mugenzi we, ari byo byatumaga atoteza umwana watoranijwe. Imana ntiyabanze ku bwo kubanga gusa, Yabanze ku bw'urukundo yakunze intore. INTORE NTIZISHOBORA gutoteza izindi ntore. INTORE NTIZISHOBORA kugirira nabi izindi ntore. Ni abo banzwe n'Imana ni bo batoteza intore kandi bakazirimbura.Yoo! Abo banzwe n'Imana ni abanyedini. Ni abahanga. Ni abo mu rubyaro rwa Kayini, ni abakomoka ku rubyaro rw'inzoka. Bubaka umunara wabo wa Babeli, bubaka imigi yabo, bubaka ubwami bwabo, kandi ibyo byose bakabikora bambaza Imana. Banga imbuto y'ukuri, kandi bazakora uko bashoboye kose (ndetse no mu izina ry'Umwami) kugira ngo barimbure intore z'Imana. Ariko na bo ni aba ngombwa. "Ese igishishwa kimariye iki imbuto y'ingano?" Nta gishishwa, nta mbuto y'ingano yaboneka. Ariko ni iki kiba ku gishishwa, ku iherezo? Kiratwikwa mu muriro utazima. Naho ingano? Iba iri he? Iba ihunitswe mu kigega cyayo. Iba iri aho We ari

Yoo! Ntore z'Imana, nimwitonde. Mwigane ubushishozi. Mubyitondere. Nimukorere agakiza kanyu mufite gutinya kandi muhinda umushyitsi. Nimwishingikirize ku Mana, kandi mukomezwe n'imbaraga yayo. Umwanzi wanyu, Satani, arimo arazerera hose aryamiye amajanja nk'intare yivuga, ashaka uwo yaconshomera. Mube maso musenge kandi muhagarare mushikamye. Turi mu gihe cya nyuma. Umuzabibu w'ukuri n'uw'ikinyoma yombi igeze mu gihe cyo gusarurwa. Nyamara, mbere yuko ingano iturira yeze, urwo rukungu rugomba guhambirwa kugira ngo rutwikwe. Murabona, bose barihuriza mu Nama mpuzamatorero. Aho ni ho baboherwa. Bidatinze, ingano igiye guhunikwa mu kigega. Ariko muri iki gihe, iyo myuka ibiri irimo irakorera, muri iyo mizabibu ibiri. Nimusohoke hagati y'urukungu. Nimutangire kunesha, kugira ngo mushobore guhesha ikuzo Umwami wanyu, kugira ngo mube mutunganye kugira ngo mwimane ingoma kandi mutegekane na We.

INTEBE Y'UBWAMI IZICARWAHO N'UZANESHA

Ibyahishuwe 3:21:

> *"Unesha nzamuha kwicarana Nange ku ntebe yange nk'uko nange nanesheje nkicarana na Data ku ntebe Ye".*

Nyamara, ni iki tugomba kunesha? Ngiki ikibazo kibazwa na bose ubusanzwe hano. Ariko mu by'ukuri si cyo ibyo bivuga muri uyu murongo. Ku bw'ibyo, nta bwo ari ukumenya cyane IBYO twanesha, ahubwo UBURYO twanesha. Ni ibintu byumvikana, kuko ni ibya ngombwa kumenya IBYO twanesha, mu gihe kimwe twaba tuzi UBURYO twanesha?

Kugira ngo turebe uburyo ibyo ari ukuri, biradusaba guterera akajisho ku bice by'Ibyanditswe

bitwereka uburyo Umwami Yesu yanesheje. Muri Matayo 4, aho Yesu yageragejwe na Satani, Yanesheje ibigeragezo yahuye na byo bya Satani yifashishije Ijambo, kandi gusa yakoresheje Ijambo. Muri buri kimwe mu bigeragezo bitatu by'ingenzi yahuye na byo byari bihuye neza neza n'ikigeragezo cyo mu busitani bwa Edeni: irari ry'umubiri, irari ry'amaso ndetse no kwishyira hejuru mu buzima, Yesu yanesheje akoresheje Ijambo. Eva yatsinzwe n'ikigeragezo yahuye na cyo cya Satani, kubera ko atakoresheje Ijambo. Adamu yaraguye ku bwo kutumvira rwose Ijambo. Ariko Yesu yaranesheje yifashishije Ijambo. Kandi na none, ndababwira ko ari bwo buryo bumwe rukumbi bwo kuba unesha, kandi ni bwo buryo bumwe rukumbi bwo kumenya ko mufite insinzi, kubera ko Ijambo RIDASHOBORA kuneshwa.

Nimwitegereze na none uburyo Yesu yanesheje imikorere y'amadini y'isi. Buri gihe yabaga atukwa n'abanyatewolojiya bo mu gihe ke, igihe cyose yakoresheje Ijambo. Yavugaga gusa ibyo Se yari yaramuhaye kuvuga. Isi yose byarayiyobeye burundu ntiyasobanukirwa kubera ubwenge Bwe, kubera ko bwari ubwenge bw'Imana.

Mu mibereho Ye bwite, mu ntambara Ye yarwanye na We ubwe, yanesheje ku bwo kumvira Ijambo ry'Imana.

Mu Baheburayo 5:7 haravuga, hati:

> *"Yesu akiri mu mubiri, amaze kwinginga no gusaba cyane iyabashije kumukiza urupfu ataka cyane arira, yumviswe ku bwo kubaha kwe.*
>
> *Nyamara nubwo ari Umwana w'Imana yigishijwe kumvira ku bw'imibabaro yihanganiye,*
>
> *kandi amaze gutunganywa rwose abera abamwumvira bose umuhesha w'agakiza kadashira."*

Ese yumviye iki? Yumviye Ijambo ry'Imana.

Ku bw'ibyo, nta muntu n'umwe uzicara ku Ntebe y'Umwami Yesu Kristo ataragendeye muri iri Jambo. Amasengesho yanyu yose, ukwiyiriza ubusa kwanyu kose, ukwihana kwanyu kose, - ibyo mwazana ku Mana byose, - nta na kimwe muri ibyo byose cyabahesha ikuzo ryo kugira ngo muzicare kuri iyo ntebe y'Ubwami. Ibyo bizahabwa gusa Umugeni-JAMBO. Nk'uko umwamikazi asangira intebe y'ubwami n'umwami, kubera ko aba ari umwe na we, ni na ko abo bonyine bazasangira na We intebe y'Ubwami bazaba ari ababyawe n'iri Ijambo nk'uko We ari uwabyawe n'iri Jambo.

Mwibuke ko twerekanye ku buryo bugaragara ibyabayeho mu bisekuru byose : ni nako Adamu na Eva baguye kubera ko bari barataye Ijambo, igisekuru cya Efeso cyaraguye kubera ko cyari cyarateye umugongo gake Ijambo, na none, ibisekuru byakurikiyeho byakomeje kuritera umugongo, ku buryo bagera uho banga Ijambo burundu ku bw'imikorere mpuzamatorero. Iki gisekuru cya Lawodikiya gisozwa no kubura burundu kw'ijambo, ari na byo bituma Umwami yisohokera. Ari hanze, aho arimo guhamagara abe, abamukurikira bumvira Ijambo. Nyuma y'ukwigaragaza kw'imbaraga y'Umwuka mu gihe cy'agahe kagufi, iryo tsinda rito rizaba rihigwa kandi ritotezwa, rizajya gusanganira Yesu.

IHEREZO RY'IGIHE CY'ABANYAMAHANGA

Iki gisekuru ni icya nyuma mu bisekuru birindwi by'itorero. Ibyatangiye mu gisekuru cya mbere, mu gisekuru cya Efeso, ubu bigomba kugera ku gihe cy'umwero wabyo, kandi bizagera neza neza mu gihe k'isarura, kugira ngo bisarurwe muri iki gisekuru cya nyuma, igisekuru cya Lawodikiya. Iyo mizabibu yombi uko ari ibiri ku iherezo izagera aho yera imbuto zayo. Iyo myuka yombi uko ari ibiri ku iherezo izigaragaza, buri umwe ugomba kugira aho uzasoreza. Igihe cyo kubiba, icyo kuhira, icyo kumera no gukura cyararangiye. Iki kirarangiye. Noneho, umuhoro usarura ugeze mu murima ku bw'isarura.

Mu mirongo uhereye ku wa 15 ukageza kuwa 18 tumaze kwiga, turabona igishushanyo cyo kwizerwa abo bo mu Itorero ry'ikinyoma, abakomoka ku mwuka mubi, ab'umuzabibu w'ikinyoma ugeze mu gihe k'isarurwa:

> *"Nzi imirimo yawe, yuko udakonje kandi ntubire. Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize! Nuko rero kuko uri akazuyazi, udakonje kandi ntubire, ngiye kukuruka. Kuko uvuga uti: "Ndi umukire, ndatunze kandi ndatunganiwe nta cyo nkennye," utazi yuko uri umutindi wo kubabarirwa, kandi uri umukene n'impumyi ndetse wambaye ubusa.*
>
> *Dore ndakugira inama: ngo ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda ubone uko uba umutunzi, kandi ungureho n'imyenda yera kugira ngo wambare isoni z'ubwambure bwawe zitagaragara, kandi ungureho n'umuti wo gusiga ku maso yawe kugira ngo uhumuke.*

Nta kirego na kimwe kigeze kibaho ngo kiregwe abantu mu magambo akarishye atya, kandi nta na rimwe higeze kubaho abantu b'abanyedini banejejwe na byo kandi b'abibone bitari babikwiriye na mba.

Nyamara ku murongo wa 21:

"Unesha nzamuha kwicarana nange ku ntebe yange y'ubwami nk'uko nange nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye,"

turabona umuzabibu w'ukuri, umwuka w'ukuri, abantu bari mu Itorero ry'ukuri bazamurwa bakagezwa ku Ntebe ndetse y'Imana, kandi bahabwa ikuzo rikomeye cyane kurusha iryaba ryarigeze gutangwa rihawe itsinda ry'abanyamwuka ry'abantu baciye bugufi kandi rihagaze rishikamye.

Ubu ni bwo amagambo ya Yohana Umubatiza asohoye, we werekanye neza rwose isano iri hagati ya Kristo, n'Itorero ry'ukuri n'iry'ikinyoma.

Matayo 3: 11-12:

"Ngewe ho ndabatirisha amazi ngo mwihane, ariko uzaza hanyuma yange andusha ubushobozi, ntibikwiriye no kumutwaza inkweto.

Ni we uzababatirisha Umwuka Wera n'umuriro. Intara ye iri mu kuboko kwe kandi azeza imbuga ye cyane, amasaka ye azayahunika mu kigega, ariko umurama wo azawucanisha umuriro utazima."

Kristo, Data buja Mukuru w'Isarura, ubu noneho arimo gusarura imbuto zeze mu butaka. Arahunika ingano mu kigega aza gushaka abe, kandi abakira iwe iteka ryose. Hanyuma, agaruka kurimbura ababi mu muriro utazima.

Noneho, ubwiru bw'ingano n'urukungu bwo muri Matayo 13:24-30 na bwo burasohoye.

"Nuko abacira undi mugani aravuga ati: 'ubwami bwo mu Ijuru bugereranywa n'umuntu wabibye imbuto nziza mu murima we,

nuko abantu basinziriye, umwanzi araza abiba urukungu mu masaka, aragenda.

Nuko amaze kumera no kwera, urukungu na rwo ruraboneka.

Abagaragu be baraza babaza umutware bati: 'mutware, ntiwabibye imbuto nziza mu murima wawe? None urukungu rurimo rwavuye he?'

ati 'umwanzi ni we wagize atyo.' Abagaragu be baramubaza bati noneho urashaka ko tugenda tukarurandura?'

Na we ati 'Oya, ahari nimurandura urukungu, murarurandurana n'amasaka,

mureke bikurane byombi bigeze igihe cyo gusarurwa. Mu isarura nzabwira abasaruzi nti: 'mubanze muteranye urukungu muruhambire imitwaro rutwikwe, maze amasaka muyahunike mu kigega cyange.'"

Uhereye mu gisekuru cya mbere, imbuto nzima n'urukungu byombi byakuze kimwe kiri iruhande rw'ikindi: none, isarura ribayeho. Icyo Nikeya (Nicee) yari yaratangije bishoje kigezweho. Ryifashishije imbaraga zaryo zose zo kwishyira hamwe kwaryo, Itorero ry'ikinyoma ritera umugongo ukuri kwari gusigaye kwa nyuma kandi, ku bw'imbaraga zaryo za politiki, ryishingikiriza kuri Leta rigatangira umugambi waryo wo gutsemba igihe cyose abizera nyakuri.

Ariko, rwose igihe riri hafi yo gushyira umugambi waryo mubisha mu bikorwa, ingano ihita ihunikwa mu kigega. Ingano n'urukungu ntibizongera gukura kimwe kiri iruhande rw'ikindi ukundi. Urukungu ntiruzongera guhabwa umugisha n'Imana ukundi ku bw'ingano iri aho, kubera ko ingano izaba itagihari, kandi umujinya w'Imana uzasukwa usandazwe hose mu kimenyetso cya gatandatu, ari cyo kizasozwa no kurimbuka burundu kw'ababi.

Hejuru cyane navuze ko umuzabibu w'ikinyoma wagaragazaga ibyawuvuzweho byose muri iki gisekuru ku buryo bwuzuye. Imbuto yawo igomba kwera ikageza igihe cyo gusarurwa. Ni ko biri. Iryo Torero rikomoka ku mwuka mubi, ryuzuye ibizira, rigomba guhishurwa nk'akabuto ka sinapi kakuze kagahinduka igiti kinini k'inganzamarumbo inyoni zo mu kirere zarikamo ibyari byazo. Rizaba riyobowe na antikristo abe umutwe waryo, amayoberane y'umunyabugome. Ibyo byose ni iby'ukuri. Kandi niba ibyo byose ari iby'ukuri, icyo gihe na none n'iby'ukuri ko Itorero mugeni rigomba kwera rikagera mu gihe cyo gusarurwa, kandi ukwera kwaryo kuzaba ari ugusa n'Umwami waryo ku bw'Ijambo; kandi Umutwe waryo uzaza kuri ryo ni Ubwiru bwo Kwera, ari we Kristo ubwe. Kandi kubera ko Itorero ry'ikinyoma, n'uburyarya n'ubucakura bwaryo bwose, n'imbaraga zaryo zikomoka kuri Satani, zigizwe n'ububasha mu bya Politiki, n'imbaraga mu by'umubiri n'iz'abadayimoni b'umwijima, rizahagurukira kurwanya umuzabibu w'ukuri, ni na ko, umuzabibu w'ukuri, hamwe n'Imbaraga y'umwuzuro w'Umwuka Wera n'uw'Ijambo, uzagira kwigaragaza kw'imbaraga kumwe n'ukwa Yesu. Hanyuma, icyo gihe, igihe uzegerana n'Ibuye Risoza, uzahinduka use na We ku bw'Ijambo, Yesu azaza, kugira ngo Umukwe n'Umugeni babe umwe, babe umwe by'iteka ryose.

Ubu, turabona hirya no hino impande zacu ukwigaragaza kugaragara kw'ibintu nababwiye.

Impuzamadini igizwe n'urukungu ni ikintu kigaragara. Ariko na none hari ikindi kibaho: Ni uko umuhanuzi w'igisekuru cya nyuma agomba kuzana Ubutumwa bw'Imana, Ubutumwa buzabanziriza Ukuza kwa kabiri k'Umwami, kuko ni Ubutumwa bwe buzagarura imitima y'abana ku ya base bo kuri Pentekoti, kandi ukugarurwa kw'Ijambo kuzaba guherekejwe no kongera kugarurwa kw'imbaraga.

Mu by'ukuri turi mu gihe gikomeye. Mbega ukuntu tugomba kuba maso tukaguma kuba abizerwa kuri iri Jambo, nta cyo tugabanyaho cyangwa ngo twongereho. Niba umuntu yavuga aho Imana itavuze, aba ayihinduye umunyabinyoma.

Ndatekereza by'umwihariko kuri ibi: rwose mu ntangiriro z'ikinyejana, inyota yo gushaka Imana yari yahagurukijwe mu gisekuru cya Filadelifiya yatumye habaho ugutakamba kugira ngo bahabwe Umwuka w'Imana. Kandi, igihe Imana yasubije uko gutakamba ikohereza kwigaragaza k'Umwuka ku bw'ukuvuga mu ndimi, kuzisobanura n'ubuhanuzi, itsinda ryahise rijya kure y'Ijambo bidasubirwaho riremarema inyigisho ivuga ko ukuvuga mu ndimi ari igihamya cy'uko wabatijwe mu Mwuka Wera. Ukuvuga mu ndimi kwari kure cyane yo kuba igihamya. Kwari ukwigaragaza k'Umwuka, ariko nticyari igihamya. Dushobora kubona ikosa rikomeye ry'iyo nyigisho, atari uko nta kintu na kimwe kiri mu Byanditswe kibihamiriza, ahubwo k'ubw'uko abiziritse kuri iyo nyigisho bahise bakora idini rishingiye kuri iyo nyigisho ubwayo, ari byo bigaragaza ko batari bari mu kuri, nubwo bageragezaga kubyizeza abantu. Yoo! Ibyo rwose byasaga naho ari byiza. Ni nkaho bari bagarutse ku munsi wa Pentekoti. Ariko igihamya gihakana ibyo cyaragaragaye. Ntibyashobokaga, kubera ko ryari ryarahindutse idini.Ni urupfu, nta bwo ari ubuzima. Ibyo byagaragaraga cyane nk'ibyegereye ukuri ku buryo abantu batabarika bayobejwe na byo barazimira.

Nyamara, niba iyo itari imbuto nyakuri, none se yari iki? Cyari igishishwa, umurama. Mu ihundo rikiri ribisi ritarera, yasaga n'impeke. Ariko ni nkaho umurima w'ingano, aho ushobora kubona ikintu runaka gisa neza neza n'impeke, nyamara ari igishishwa gusa (kubera ko impeke y'ingano itari yirema): aha gusa byari igishishwa cyasaga n'impeke nyakuri yari igiye kuzamo nyuma y'aho. Impeke y'ingano y'umwimerere yo kuri Pentekoti yagombaga kugaruka mu gisekuru cya nyuma; Yari yarahambwe ishyingurwa i Nikeya (Nicee). Sarudi yabonye uruti rw'inganagano ruzamuka; Filadelifiya yabonye igice cyo hejuru k'ingano kizaho; ariko ni muri Lawodikiya impeke yagombaga kugera mu gihe cyo kwera kugira ngo isarurwe. Gusa nta bwo yashoboraga kwera imbuto y'umwimerere igihe cyose Ijambo ritari ryakagarurwa. Umuhanuzi ntiyari yakaje. Ariko ubu, dushingiye ku gihe turimo mu gisekuru cya Lawodikiya, "Intumwa-y'Umuhanuzi" yo mu Byahishuwe 10:7 ubu igomba kuba iri muri twe. Ikindi na none, "Uku ni ko Umwami Avuze" kugomba kuba kuri aha, kwiteguye kugaragazwa no guhamirizwa bidasubirwaho. Ku bw'ibyo, Imbuto Nyakuri ubu irimo kwera ngo isarurwe, kandi BIZABA ARI IGIHE K'ISARURA.

Igihe k'isarura. Ni byo, igihe k'isarura. Imizabibu ibiri yakuze iri hamwe isobekeranije amashami noneho igomba gutandukana. Imbuto z'iyo mizabibu, zihabanye cyane imwe n'indi, ziteranirizwa hamwe mu bigega bitandukanye. Imyuka ibiri izagenda buri umwe ugana aho wagenewe. Igihe cyo kugira ngo twumve umuhamagaro wa nyuma kirakuze, uhamagara Umugeni - Ngano, kandi we wenyine ugira, ugira uti : "Nimuwusohokemo, bwoko bwange, kugira ngo mwe gufatanya n'ibyaha byabo, kandi mwebwe (ingano), mweguhabwa no ku byago byawo (urukungu), (umubabaro ukomeye uvugwa mu kimenyetso cya gatandatu no muri Matayo 24)."

UMUBURO WA NYUMA W'UMWUKA

Ibyahishuwe 3:22:

"Ufite amatwi niyumve ibyo umwuka abwira amatorero."

Ni wo muburo WA NYUMA. Nta wundi uzongera kubaho. Icyumba k'Intebe y'Ubwami cyarateguwe. Imfatiro cumi n'ebyiri zamaze gushyirwaho. Imihanda yasizwe zahabu. Amarembo y'imaragarita manini yarubatswe kandi yashinzwe ku mfatiro zayo. Nka Piramide, urwo rurembo rahagaze ni rwiza kandi bihebuje. Ibyaremwe byo mu Ijuru byaruteguye birarwitegereza bikarutangarira kuko rurabagirana umucyo n'icyubahiro bidafite aho bihuriye n'ibyo mu isi. Buri rumwe mu mpande z'ubwiza bwarwo ruvuga inkuru y'ubuntu butangaje n'iy'urukundo rwa Yesu. Ni umurwa wateguriwe ubwoko bwateguwe. Icyo utegereje gusa ni abazawuturamo, kandi bidatinze abo bazasagwa n'umunezero bagendagenda muri iyo mihanda. Ni byo, ni umuhamagaro wa nyuma. Umwuka ntazongera kuvuga ukundi mu kindi gisekuru. Ibisekuru birarangiye.

Ariko dushimire Imana ko ubu, kuko ubu iki gisekuru kitararangira. Iracyarangurura n'ijwi rirenga yinginga. Kandi ijwi ryayo ryo kwinginga ntiriri gusa mu matwi y'Umwuka y'abantu ku bw'Umwuka wayo, ahubwo hari na none umuhanuzi mu gihugu. Ikindi na none Imana igiye guhishura ukuri nk'uko yabikoze kuri Pawulo. Mu minsi y'intumwa ya karindwi, mu minsi y'igisekuru cya Lawodikiya, iyo ntumwa izahishura ubwiru bw'Imana, nk'uko bwahishuriwe Pawulo. Azavuga, kandi abazakira uwo muhanuzi mu izina rye bwite bazahabwa ingororano z'imigisha ikomoka ku bukozi bw'uwo muhanuzi. Kandi abazamwumva bazahabwa umugisha, kandi bazaba bari muri uwo mugeni w'iminsi ya nyuma bavugwa mu Byahishuwe 22:17 ahagira hati:

"Umwuka n'umugeni barahamagara bati: "Ngwino!"

Impeke y'urubuto rw'ingano (Umugeni-Ngano) rwari rwarahambwe i Nikeya (Nicee) rwahindutse Ingano - Jambo y'umwimerere. Imana ihimbazwe iteka ryose. Ni byo, nimwumve umuhanuzi w'Imana, wagaragajwe n'Imana uje muri iki gisekuru cya nyuma. Ibyo avuga bikomoka ku Mana, ni byo n'umugeni azavuga. Umwuka, Umuhanuzi n'Umugeni bose bazavuga rumwe. Kandi ibyo bazavuga ni ibyamaze kuvugwa mu Ijambo. Ubu baravuga bati: "Musohoke muri yo, kandi mwitandukanye." Ijwi ryinginga ryararanguruye. Riracyarangurura na n'ubu. Kugeza ryari ijwi rizakomeza kurangurura ryinginga? Nta cyo tubiziho, ariko icyo tuzi ni uko bitazatinda kuko iki ari cyo gisekuru cya nyuma.

Ufite amatwi niyumve ibyo Umwuka abwira amatorero. Umwuka yaravuze. Izuba rirarenze; bidatinze rigiye kurengera mu iteka kubera ko ibihe by'amatorero birangiye. Icyo gihe, byose bizaba birangiye. Icyo gihe bizaba ari impitagihe kuza. Ariko, niba mu gihe cy'uru rukurikirane rw'ibibwirizwa Imana yaravuze ikabwira umutima wanyu ikoresheje Umwuka wayo mubasha kwigira hafi yayo ubu mukihana, kandi mukayegurira ubuzima bwanyu, kugira ngo Ibahe Ubugingo buhoraho ku bw'Umwuka wayo.

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7